# JURUNALI Y'ITORERO TEWOLOJIYA N'ITERAMBERE (JITI)

## UBUKRISTO MU RWANDA N'URUHARE RW'ITORERO MU ITERAMBERE RY'ABANYARWANDA

Vol 1 | No 1 | Gashyantare 2026

JURUNALI Y'ITORERO TOWOLOJIYA N'ITERAMBERE

**(VOL.1, NO.1, GASHYANTARE 2026)**

# UBUKRISTO MU RWANDA N'URUHARE RW'ITORERO MU ITERAMBERE RY'ABANYARWANDA

**JURUNALI Y'ITORERO TEWOLOJIYA N'ITERAMBERE**

JITI ni Jurunali ya Full Life Initiative, Rwanda-Kigali-Gasabo

Tel.+250782417359

Email: fulllifeinitiative@gmail.com

JITI Isohoka Kabiri mu mwaka, muri Gashyantare no muri Nyakanga

**Umwanditsi mukuru**

Dr. Joel Kubwimana

**Umwanditsi mukuru wungirije**

Onesim Nshmyumukiza

**Abakosora imyandikire**

Vestine Mukamana
Pascaline Ntakirutimana
David Nshimiyimana

**Kumenyekanisha JITI**

Aime Prosper Niyitegeka
Frodouard Hakizimana

**Gushyira inyandiko muri foruma**

Migambi Joel

**Abajyanama b'ubwanditsi**

Dr. Gabriel Akimana
Charles Kayabo
Dr. Nathan Ndyamiyemenshi,
Dr. Leocadie Uwimana
Dr. Mathias Twahirwa
Bisanze Pierre Claver

**Icyitonderwa**

Ibitekerezo bikubiye mu inyandiko zisohoka muri JITI ni ibyabanditsi ariko ntibivuze ko FLI ibibona ijana ku ijana

# UBUKRISTO MU RWANDA N'URUHARE RW'ITORERO MU ITERAMBERE RY'ABANYARWANDA

## Ibikubiyemo

Umusomyi mukuru

Dr Nathan Ndyemiyemenshi 1

Amateka y'Ubukristo mu Rwanda n'Uruhare rw'Itorero mu Guteza Imbere Imibereho Myiza n'Iterambere ry'Abanyarwanda

Dr. Joel Kubwimana 3

ROHO NZIMA MU MUBIRI MUZIMA: Uruhare rw'amatorero y'ivugabutumwa mu iterambere ryo mu buryo bw'umwuka mu iterambere ry'abakirisito.

Dr. Esron Maniragaba 9

NI ABANTU SI IBINTU: Uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu gufasha abatishoboye cyane abafite ubumuga.

Dr. Jean Bosco Ntakirutimana 14

ITORERO MU ISI Y'IKORANABUHANGA N'UBWENGE BUHANGANO.

Dr. Joel Kubwimana na Onesim Nsimyumukiza 24

URUBYIRUKO NA AI: Uko urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rwabyaza umusaruro imbuga nkoranyambaga n'ubwenge buhangano (AI).

Philipe Benimana 27

Ubufatanye bw'amatorero n'imiryango ya gikristo mu iterambere rirambye mu Rwanda Gufatanya aho kuba gufashwa gusa .

Ernestine Kamarora 34

Purusikila (Priscilla) na Dorukasi (Dorcas) mu Itorero: Isesengura rya Tewolojiya ku Ruhare rw'umugore mu iterambere ryuzuye ry'Itorero n'umuryango mugari Nyarwanda.

Grace Mutamuriza 39

Ubusesenguzi bw'Igitabo: Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'Imibanire y'Abantu.

Dr. Joel Kubwimana 42

## Umusomyi Mukuru

**Dr. Nathan Ndyamiyemenshi,** Umuyobozi mukuru uhagarariye FLI mu mategeko

Jurunali y'Itorero, Tewolojiya n'Iterambere (JITI); itangijwe mu gihe u Rwanda n'Afurika muri rusange biri mu rugendo rwo kongera gutekereza ku ruhare rw'amatorero mu mibereho y'abantu no mu iterambere rirambye. Uyu muzingo wa mbere wa JITI (Vol. 1, No. 1) ni igikorwa gikomeye cy'ubwenge, kigamije guha Itorero urubuga rwo kwisuzuma, no kongera gusobanura umusanzu waryo mu mibereho y'Igihugu n'iy'akarere. Nk'Umusomyi Mukuru, mbona uyu muzingo nk'itangiriro ry'urugendo rurerure, ariko rufite icyerekezo gisobanutse kandi gishingiye ku bushakashatsi bufite ireme.

### 1. Intego n'umwihariko wa JITI

JITI ivutse nk'igisubizo ku kibazo cy'ingenzi kimaze igihe cyibazwa: *Ese tewolojiya n'ivugabutumwa bigira uruhe ruhare mu iterambere ry'abantu n'imiryango?* Uyu muzingo wa mbere ugaragaza ko JITI atari Jurunali y'inyigisho gusa, ahubwo ari urubuga ruhuza tewolojiya, imibereho myiza, ikoranabuhanga n'iterambere. Inyandiko zikubiye muri uyu muzingo zerekana ko Itorero rifite inshingano zo kurenga imbibi z'insengero rikajya mu buzima busanzwe bw'abantu, aho ubukene, ubumuga, ihungabana, ikoranabuhanga n'ihinduka ry'ibihe bigaragara aho abantu batuye, bakorera kandi basengera.

Umwihariko wa JITI ugaragarira mu kuba ikoresha Ikinyarwanda nk'ururimi rw'ubushakashatsi, bigatanga umusanzu ukomeye mu guteza imbere ubumenyi bwimbitse mu rurimi kavukire, no gutuma tewolojiya igera ku bantu benshi batandukanye bavuga Ikinyarwanda.

### 2. Itorero n'amateka y'iterambere mu Rwanda

Inyandiko zigaruka ku mateka y'Ubukristo mu Rwanda zerekana ko Itorero ryagize uruhare rukomeye mu burezi, ubuvuzi, imibereho myiza n'isanamitima, by'umwihariko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ariko kandi, uyu muzingo ntuhisha uruhare Itorero ryagize mu bihe by'ubumwe n'ubwiyunge, bigasaba ko ryemera amateka yarwo rikayigiraho amasomo. Ibi byerekana tewolojiya y'ukuri, idatinya ukuri, ishingiye ku kwihana, kubabarira no kongera kubaka icyizere.

JITI ishimangira ko iterambere ridashobora gutandukanywa n'amahoro n'ubumwe, kandi ko Itorero rifite inshingano yo gukomeza kuba umusemburo w'ubwiyunge n'ubutabera.

### 3. Ivugabutumwa ryuzuye: Ihame rihuza ukwizera n'imibereho

Igitekerezo cy'ivugabutumwa ryuzuye (holistic/integral mission) ni inkingi ikomeye y'uyu muzingo. Inyandiko zisobanura ko ivugabutumwa ridashobora kuguma mu magambo no mu by'umwuka gusa, ahubwo rigomba no kwita ku mibereho, ubukungu n'imibanire y'abantu. Ihame rya *Roho nzima mu mubiri muzima* ryerekana ko umuntu yaremwe mu buryo bwuzuye, bityo n'iterambere rye rigomba kuba ryuzuye.

Abanditsi bagaragaza ko Itorero rifite inshingano zo gufasha abantu kwigira, kwihangira imirimo no kugira ubuzima bufite icyerekezo, bityo ukwemera kukaba imbaraga zitera impinduka zifatika.

## 4. Itorero, ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano

Uyu muzingo wa mbere wa JITI winjiye mu ngingo zigezweho cyane, zirimo ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano (AI). Inyandiko ivuga ku rubyiruko na AI zerekana amahirwe mashya ari mu mbuga nkoranyambaga no mu bwenge buhangano mu guteza imbere ubumenyi, ubucuruzi n'ivugabutumwa. Ariko kandi, zigaragaza n'imbogamizi z'imyitwarire, imikoreshereze mibi y'ikoranabuhanga n'ingaruka ku ndangagaciro.

JITI ihamagarira Itorero kuba umuyobozi w'ubwenge (moral guide) mu isi y'ikoranabuhanga, rigafasha Abakristo n'urubyiruko gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bwubaka aho kubusenya.

## 5. Itorero n'abatishoboye: Abantu bafite ubumuga n'abandi bahezwa

Inyandiko ivuga ku bantu bafite ubumuga ishimangira ihame ry'agaciro k'ikiremwamuntu. Igaragaza ko abantu bafite ubumuga akenshi bahezwa mu burezi, ku isoko ry'umurimo no mu mibereho rusange. JITI ihamagarira Itorero kuba ijwi ryabo, rigaharanira uburezi budaheza, amahugurwa ngiro n'impinduka z'imyumvire muri sosiyete. Ibi bigaragaza ko iterambere ridapimwa n'imibare y'ubukungu gusa, ahubwo ripimwa n'uburyo ryita ku batishoboye.

## 6. Uruhare rw'abagore mu iterambere ryuzuye

Uyu muzingo unatanga umwanya ukomeye ku ruhare rw'abagore mu Itorero n'umuryango nyarwanda. Isesengura rishingiye ku ngero za Bibiliya (Purusikila na Dorukasi) rihuza tewolojiya n'imibereho, rigaragaza ko umugore ari umufatanyabikorwa mu murimo w'Imana no mu iterambere ry'Igihugu. Ibi bihura n'icyerekezo cy'Igihugu cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.

## 7. Isuzuma ry'igitabo n'umusanzu wacyo

Isuzuma ry'igitabo *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu* rishyira mu gaciro akamaro k'ubushakashatsi bukorwa mu Kinyarwanda. Iki gitabo kigaragazwa nk'igikoresho cy'ingenzi ku banyeshuri n'abashakashatsi, kandi gishimangira ko iterambere ry'Igihugu rishingira ku bumenyi bufite ireme.

## Umusozo rusange

Uyu muzingo wa mbere wa JITI ugaragaza ko Itorero rifite amahirwe mashya yo kongera kwisobanura no kugira uruhare rufatika mu iterambere ry'Igihugu. JITI itanga urubuga rwo gutekereza, kwigira no kuganira ku ruhare rw'ukwemera mu mibereho ya buri munsi. Nk'Umusomyi Mukuru, ndabona uyu muzingo nk'intangiriro ikomeye y'urugendo ruzatanga umusanzu ukomeye mu guhuza tewolojiya, Itorero n'iterambere rirambye mu Rwanda no hanze yarwo.

# Amateka y'Ubukristo mu Rwanda n'Uruhare rw'Itorero mu guteza imbere imibereho myiza n'iterambere ry'abanyarwanda

Kubwimana Joel (Umupasitori muri HBFR[1], umwanditsi n'umwarimu muri kaminuza za Tewolojiya)

**Inshamake**
Iyi nyandiko isesengura amateka y'ubukristo mu Rwanda, igaragaza uruhare rw'amatorero ya Gikristo mu iterambere ry'imibereho myiza y'Abanyarwanda. Iyi nyandiko igaragaza uko amatorero yashinzwe mu Rwanda, uruhare rwayo mu burezi, ubuvuzi, ubuhinzi n'ubukungu rusange bw'Abanyarwanda. Inyandiko isoza igaragaza inama zakurikizwa kugira ngo amatorero akomeze agire uruhare mu iterambere rirambye ry'Abanyarwanda.
**Amagambo shingiro**: Amateka y'Ubukristo, Ubukristo mu Rwanda, Itorero mu iterambere, Imibereho myiza, Iterambere ry'Abanyarwanda.

## Iriburiro

Ubukristo mu Rwanda bufite amateka maremare kandi akomeye, atangira mu mpera z'ikinyejana cya cumi n'icyenda, bugakomeza kwaguka mu gihe cy'ubukoloni ndetse na nyuma yabwo. Amatorero ya Gikristo ntiyagize uruhare mu ivugabutumwa gusa, ahubwo yagize n'uruhare mu guteza imbere uburezi, ubuvuzi, ubuhinzi, ubworozi, ubucuruzi, imyubakire ndetse n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange.

Iyi nyandiko igamije gusobanura amateka y'Ubukristo mu Rwanda, igaragaza uruhare rw'Itorero mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage kuva mu gihe cy'ubukoloni kugeza magingo aya. Iyi nyandiko kandi isesengura ishusho y'iyobokamana hashingiwe ku mibare y'ibarura rusenge ryo mu 2022, ndetse itanga inama z'icyerekezo cy'uko amatorero yakomeza kugira uruhare rufatika mu iterambere rirambye ry'Igihugu.

## Imiterere y'Iyobokamana mu Rwanda hashingiwe ku ibarura ryo muri 2022

Ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ryo mu 2022 (RPHC5) rigaragaza ko umubare munini w'Abanyarwanda ari Abakristo. Ubukristo ni bwo bwiganje, aho ijanisha ringana hafi na **92% by'abaturage b'u Rwanda ari Abakristo**. Muri abo harimo:

- Abagatolika: Hafi 40%
- Abapantekote (ADEPR): Bagera hafi kuri 21%
- Abaporotesitanti: hagati ya 14–15%
- Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi: hafi 12%

Iyi mibare igaragaza ko Abanyarwanda benshi ari Abakristo kandi ko muri rusange bagira uruhare mu iterembere, mu mibereho y'Abanyarwanda muri rusange, no mu miyoborere ya Sosiyete.[2] Mu rwego rw'uburezi, imibare ya Minisiteri y'Uburezi igaragaza ko amatorero n'imiryango ishingiye ku myemerere bafite hagati ya **49–57% by'amashuri abanza n'ayisumbuye** mu Rwanda. Amashuri ya Leta agize hafi 30–35%, mu gihe amashuri yigenga atari ashingiye ku iyobokamana agize hafi 10–12%.[3] Ibi byerekana ko amatorero ari abafatanyabikorwa bakomeye ba Leta mu gutanga serivisi z'uburezi, cyane cyane mu bice by'icyaro.

## Amateka y'Itorero mu Rwanda

### 1. Igihe cy'Ubukoloni

Ubwami bw'u Rwanda bwakolonijwe n'abadage kuva mu 1897 kugeza mu 1916. Nyuma yo gutsindwa mu intambara ya mbere y'isi kw'Abadage, Ababiligi bakolonije u Rwanda kugeza rubonye ubwigenge mu 1962. Igihe cy'ubukoloni cyabaye urubuga rwatumye abamisiyoneri bera b'abanyaburayi babona uburyo bwo kwinjira mu Gihugu, bashinga amatorero, amashuri n'amavuriro.

[1] Harvest Bible Fellowship Rwanda

[2] NISR, *RPHC5 Thematic Report* (2025).
[3] MINEDUC, *Education Statistical Yearbook 2023/2024* (2025).

Abamisiyoneri b'abagatolika ba mbere bageze mu Rwanda mu 1900 bayobowe na Musenyeri Joseph Hirth. Ku itariki ya 2 Gashyantare 1900, bahuye n'Umwami Yuhi V Musinga i Nyanza, maze ku ya 8 Gashyantare bashinga Sitasiyo ya mbere ya Misiyoni i Save. Iyi sitasiyo yakurikiwe n'iya Zaza, Nyundo, Rwaza, Mibilizi na Kabgayi hagati ya 1900 na 1906.

Intego yabo yari ugukwirakwiza ubukristo no kurwanya ikwirakwira ry'Abaporotesitanti n'abayisilamu mu Gihugu.[4]

Abagatolika bagize uruhare runini mu gukwirakwiza ubukristo no mu kubaka inzego z'iterambere. Gusa kugeza mu 1917, Umwami Yuhi V Musinga ntiyemeraga kuba umukristo. Ibi byahindutse nyuma y'ukuza kw'ababiligi, aho mu 1931 Yuhi V Musinga yakuweho agasimburwa n'umuhungu we Mutara III Rudahigwa ari nawe wakiriye ubukristo ku mugaragaro. Kubatizwa k'umwami Mutara III, kwatumye Abanyarwanda benshi bayoboka ubukristo bituma u Rwanda rwitwa Ubwami bw'Abakristo "Christian Kingdom." Ariko, benshi babaye Abakristo ahanini mu gukurikira icyemezo cy'ubwami kurusha kuba amahitamo y'umuntu ku giti cye. Ibi byatumye ubukristo mu Rwanda buba icyitiriro kuri benshi "nominalism."

## 3. Amatorero y'Abaporotesitanti mu Rwanda

Abaporotesitanti bageze mu Rwanda mu 1907 binyuze mu bamisiyoneri b'abaluteriyani bayobowe na Ernst Johanssen na Gerhard Ruccius, bashinga sitasiyo ya mbere i Zinga.[5] Nyuma y'Intambara ya mbere y'isi yose, sitasiyo zabo zafashwe n'abamisiyoneri b'Abaperesebuteriyani "Presbyterian," bakomereza aho Abaluteriyani bari bagejeje ivugabutumwa.[6]

Mu bihe bitandukanye, haje andi matorero arimo Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi(1919), Abangilikani (1920), Ababatisita b'Abadanwa (1939), Abapantekote (1940) n'Abametodisite (1942).[7] Abaporotesitanti bashyize imbere cyane gukoresha ururimi kavukire mu ivugabutumwa, ari na byo byatumye bihutira guhindura Bibiliya Yera mu Kinyarwanda isohoka bwa mbere mu 1957, mbere ya Bibiliya Ntagatifu y'Abagatolika yasohotse mu 1990.[8] Guhindura Bibiliya mu Kinyarwanda byatumye amatorero cyane cyane y'abaporotesitanti ashyira imbere kwigisha abantu gusoma no kwandika kugira ngo babone uko basoma Bibiliya. Ibi byabaye imbarutso yo gushinga amashuri menshi cyane cyane abanza n'ayisumbuye.

### Amatorero yatangijwe n'Abanyarwanda

Mu 1965, Simon NGIRABATWARE wari uvuye muri Zaire aho yari yaragiye guhahira, yatangije Association des Églises Baptistes Libres au Rwanda (AEBLR). *'Libres'* yaje gukurwamo mu 1957 abamisiyoneri b'Abanyamerika bamaze kuza gufatanya na AEBLR yari imaze kubona ubuzima gatozi, niko guhinduka AEBR.

NGIRABATWARE yatangiriye mu rugo rwe mu Byahi ho mu Karere ka Rubavu.[9] Binyuze kandi kuri SEMIRAMA Disimasi n'umumisiyoneri bari kumwe mu butumwa mu Bugande, (Compassion International) yaje gukorera mu Rwanda guhera mu 1984, bituma kandi habaho gutangiza amashuri abanza mu rwego rwo gufasha abana benshi kwiga. Si AEBR gusa, nyuma y'ubwigenge hatangijwe amatorero atadukanye. Hagati ya 1987 na 1991, habaye amakimbirane y'ubuyobozi muri AEBR yatumye havuka amatorero mashya nka C.E.E.R, C.E.G.R, ENARWA, E.R.C.B.R na C.E.D.A.C.R n'andi atandukanye.[10]

[4] Tharcisse Gatwa and Laurent Rutinduka, eds., *Histoire du Christianisme au Rwanda: Des Origines à Nos Jours* (Yaoundé: Éditions CLE, 2014).
[5] Gatwa and Rutinduka, 50–52.
[6] Ibid., 53–55.
[7] Ibid., 54–56.
[8] Akimana, Gabriel, 'Translation issues in an Interconfessional Bible Version: An Evaluation of *Bibiriya Ijambo ry 'Imana* Through a Hebrew-Kinyarwanda Analysis of Selected Passages'(Unpublished Ph.D. Thesis, Akrofi-Christaller Institute of Theology, Culture and Mission, Akropong-Akuapem, 2016).
[9] Rumamo J. B., *Research on the Association of Baptist Churches in Rwanda (AEBR)* (Kigali, 2010).
[10] Dumas-Charles Gapapa, "Les Nouveaux Mouvements Religieux," in *Histoire du Christianisme au Rwanda*, 231–250.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, havutse amatorero menshi yashinzwe n'abanyarwanda arimo Evangelical Restoration Church (1995), Zion Temple Celebration Center(1999) na Harvest Bible Fellowship Rwanda (2016), kimwe n'andi matorero yashyize imbere ivugabutumwa rifatanije n'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage.[12–14]

**Uruhare rw'amatorero mu iterambere**

**1. Uburezi**

Amatorero yashinze amashuri menshi y'ibanze, ayisumbuye n'ay'imyuga, bigira uruhare rukomeye mu kugabanya ubujiji no kongera amahirwe y'urubyiruko mu kwiga no kwihangira imirimo.[11] Amashuri yashinzwe n'amatorero arimo ibyiciro bibiri by'ingenzi: Amashuri acungwa n'amatorero ijana ku ijana n'amashuri akora mu buryo amatorero afatanya na Leta cyangwa acungwa n'abikorera ariko yaratangijwe n'amatorero. Uburezi ni cyo gice amatorero atangamo umusanzu ukomeye cyane mu Rwanda.

Nk'umufatanyabikorwa ukomeye wa Leta mu burezi, amatorero akwiye gushyira imbaraga mukuzamura ireme rw'uburezi kugirango abanyeshuri bayigamo bagire uruhare rukomeye mu iterambere ry'u Rwanda, Africa n'isi muri rusange.

**2. Ubuvuzi**

Amavuriro n'ibigo nderabuzima by'amatorero bitanga ubuvuzi bw'ibanze, bukurikiranira hafi abana n'abagore, kandi bigira uruhare mu bukangurambaga ku buzima rusange.[12,16] Kiliziya Gatolika niyo ifite umubare munini w'amavuriro n'ibigo nderabuzima. Amatorero y'abaporotesitanti n'ubwo nayo afite amavuriro n'ibigo nderabuzima aracyakeneye kongera ibikorwa mu rwego rw'ubuzima. Amatorero aracyafite ibyo gukora kugirango tugire amavuriro ari kurwego ruteye imbere, afite abanganga n'ibikoresho bigezweho kugirango umubare w'Abanyarwanda bajya kwivuriza hanze ugabanuke, ahubwo twongere umubare wabaturuka mu bindi bihugu baza kwivuriza mu Rwanda.

**3. Ubuhinzi n'Ubukungu**

Amatorero yafashije guteza imbere ubuhinzi bw'umwuga nka Kawa, ubworozi n'ubucuruzi, maze bigira uruhare mu kwihaza mu biribwa no kwongera umusaruro w'abaturage.[13] Kiliziya Gatolika n'andi matorero yatangiye mu gihe cy'ubukoloni, usanga bafite ubutaka bunini buhingwaho ibihingwa bitandukanye. Amatorero asigaye agira inzu zikodeshwa, amaduka, amahoteli na za resitora zigezwaho. Mu rwego rw'ubukungu, amatorero yose aracyafite akazi gakomeye ko kwigisha abizera ko ubutunzi atari bubi ahubwo ko Imana iha umugisha imirimo y'amaboko yabo, bityo ko bakwiye gutinyuka gukora ubushabitsi bwagutse kugira ngo biteze imbere , bateze imbere Itorero n'Igihugu muri rusange.

**4. Imibereho myiza**

Mu Rwanda usanga Kiliziya Gatolika n'amatorero menshi bagira ibigo n'ibikorwa biharanira guteza imbere imibereho myiza y'abayoboke n'Abanyarwanda muri rusange. Usanga hariho gahunda zo gufasha abagore mu nyigisho zo kuboneza urubyaro, kwiteza imbere, kurwanya imirire mibi, gufasha urubyiruko, abana n'abatishoboye binyuze mu mahugurwa, inkunga n'ubujyanama.[14]

**5. Uruhare rw'Itorero mu bumwe n'ubwiyunge mu Rwanda**

**5.1. Uruhare rw'Itorero mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi**

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ntabwo yatewe n'impanuka y'indege y'uwahoze ari Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvénal. Ibi byatewe n'impamvu nyinshi zishingiye ku mateka maremare y'u Rwanda. Abanyarwanda nk'abantu ku giti cyabo n'inzego zaba iza Leta, iz'abikorera, mpuzamahanga n'iz'abihayimana bagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

[11] NISR, *Education Sector Statistical Report 2022*.
[12] Ministry of Health Rwanda, *Annual Health Statistics Report 2022*.
[13] FAO & MINAGRI, *Agricultural Development Reports 2022*.
[14] MIGEPROF, *Social Development Indicators 2022*.

Reka dusuzume byihuse uruhare rw’amatorero mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe abatutsi.
Abamisiyoneri bo mu burengerazuba bw'isi n'abakoloni bagize uruhare rukomeye mu gushimangira amacakubiri ashingiye ku moko mu Rwanda binyuze mu kwandika, kubwiriza no gusobanura imibereho y'Abanyarwanda nk'amoko atandukanye cyane. Tharcisse Gatwa yagaragaje ubufatanye bw'abamisiyoneri n'abakoloni mu gucamo ibice Abanyarwanda:

Iyi myitwarire yo kwivanga muri politiki no gushyira imbere kugaragaza gusuzugura itandukaniro riri hagati y'Abanyarwanda, yatangiye kugaragara muri sosiyete kuva mu 1920 kugeza mu 1945. Iki gihe gihuye n'ibyo bita amavugurura y'ubukoloni ndetse n'impinduka z'ubutegetsi n'imbaga nyamwinshi.[15]

Abamisiyoneri ba Kiliziya Gatolika b'abazungu bera ari bo ba mbere batangije ivugabutumwa mu Rwanda, bakoresheje amoko nk'igikoresho cyo guhindura abantu benshi.[16] Inyigisho za Gikristo zishingiye ku rukundo, ariko inyigisho zahawe Abanyarwanda mu ntangiriro ntizateje imbere urukundo hagati yabo, zateje urwango n'amacakubiri bitewe n'uko zashyize amoko imbere kuruta ubumwe. Ubu buryo bwo kwamamaza ubutumwa bwiza himbandwa ku kwigisha ko Abanyarwanda barimo amoko atatu kandi atandukanye bwagize uruhare mu gukongeza amacakubiri. Pierre D. Habumuremyi, agaragaza iby’ibyiciro bitandukanye by’abantu n’inzego byagize uruhare mu gukongeza amacakubiri yagejeje kuri Jenoside yakorewe abatusti ko ari Abanyarwanda, abakoloni b'Ababiligi, abamisiyoneri n'umuryango w'Abibumbye.[17]
Mu 1962 ubwo u Rwanda rwabonaga ubwigenge, Kayibanda Grégoire yabaye Perezida wa mbere w'u Rwanda, abayobozi ba Kiliziya by'umwihariko Gatolika bakoranye bya hafi n'ubuyobozi bwa Repubulika ya mbere. Gukorana na Kiliziya ubwabyo ntabwo ari bibi.
Mu Rwanda, ikibi ni uko abayobozi b'amatorero bageze ku rwego rwo gushyigikira n'ibikorwa bibi bya Repubulika ya mbere. Na nyuma yihirikwa ry’ubutegetsi bwa Kayibanda mu 1973, Abayobozi b'amatorero bashyigikiye politiki y'amacakubiri ashingiye ku moko yatumye abakirisitu benshi bagira uruhare mu gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside.[18]

Ni umuhamagaro wa Kiliziya gukoresha ijwi ryayo ry'ubuhanuzi mu gihe politiki n'ibikorwa bya leta binyuranyije n'ubushake bw'Imana. Ariko, uruhare rw'abayobozi b'amatorero mu kuyobora Mouvement Révolutionnaire Nationale pour le Développement (MRND) yashinzwe na Perezida Habyarimana mu 1975 nk'ishyaka rya politiki rimwe rukumbi mu Rwanda, byatumye n'amatorero acika intege ku buryo politiki yigaruriye iby'umwuka. Musenyeri mukuru wa Kiliziya Gatolika y'i Roma yabaye muri komite nkuru ya MRND mu gihe cy'imyaka icumi, mu gihe abayobozi b'amatorero ya Peresibiteriyani (Presbyterian) na Angirikani (Anglican) na bo bari bafite imyanya ikomeye ya MRND.[19]

Ubufatanye bw'abayobozi b'amatorero n'abayobozi b'Igihugu mu gucamo ibice Abanyarwanda bwakomeje no mu gihe Jenoside yakorewe abatutsi yakorwaga aho mu Gihugu 91% by’abaturage bari Abakristo batabashije kwamagana jenoside n’ingengabitekerezo yayo, bamwe muri bo bagira uruhare mu kwica bagenzi babo b'abanyarwanda, abandi baba indorerezi n’aho abandi bake bagerageje guhisha bagenzi babo yewe bamwe nabo baricwa. Icyagaragaye ni uko ubutumwa butagize imbaraga zo gukumira jenoside yakorewe Abatusi.[20] Intege nke z’amatorero zabaye gushyira imbaraga mu gushaka abayoboke benshi aho guhindura abantu kuba abigishwa nk’uko misiyo Yesu yatanze muri Matayo 28:18-20 ivuga. Nk'uko Umunyarwanda abivuga, "*umwera uvuye ibukuru bucya wakwiye hose*", ikivuye ku buyobozi gikwira vuba kikagera ku baturage aho bari hose.

[15] Tharcisse Gatwa, *The Churches and Ethnic Ideology in the Rwanda crisis 1900-1994*, (UK: Regnum Books, 2005) p7.
[16] Tharcisse Gatwa, RWANDA : *Eglises victimes ou coupable ? Les Eglises et l'idéologie ethnique au Rwanda 1900-1994*, (Yaoundé : Editions CLE, 2001).
[17] Pierre D. Habumuremyi, *Rwanda: Building a Model Nation-State*, (Bogota-Colombia: Apidama Ediciones Ltd., 2013), p33.
[18] Longman, 'Christian Churches and Genocide', p9.
[19] Longman, 'Christian Churches and Genocide', p9-10.
[20] Bazuin T. J., 'Religion in the remaking of Rwanda after genocide, Doctor of philosophy Dissertation', (Vanderbilt University, 2013, Nashville, Tennessee).

Ni byiza kumvira abayobozi ariko si muri byose kuko ari abantu kandi rimwe na rimwe bashobora kugira imigambi mibi. Abakristo b'Abanyarwanda bigishijwe kumvira abayobozi muri byose.

Nk'uko Tharcisse Gatwa na André Karamaga babivuga, Itorero rigomba kumvira ariko kumvira bigomba kugira imipaka. Kumvira buhumyi ku buyobozi bufite ibikorwa binyuranyije n'ibyifuzo by'Ijambo ry'Imana bigomba kwirindwa.[21] Kumvira buhumyi ibyemezo by'abayobozi byagaragaye mu Rwanda mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, biri mubyatumye bamwe mubo bari bayoboye bagira uruhare muri Jenoside yakorewe abatusti mu 1994.

Imwe mu ngaruka zikomeye za Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ni uko yateje amacakubiri mu Banyarwanda ku ruhare rwa Kiliziya muri Jenoside. Hari Abanyarwanda batinya kwinjira mu nsengero cyangwa kongera kugirira icyizere abayobozi b'amadini.

Ku rundi ruhande, hari n'abandi Banyarwanda bagiye gushaka ihumure mu nsengero. Ibi bigaragaza ko imyizerere y'amadini ifite imbaraga zikomeye ku bantu. Kuri iyi ngingo, Bazuin yagize ati:

Imyizerere ifasha abantu gusobanura imibabaro yabo mu mucyo wo gucungurwa, bizera ubuzima bwiza basezeranijwe mu gihe kizaza. Mu by'ukuri, abantu bahura n'imibabaro bashobora kwizera ko Imana iri mu ruhande rwabo, ko izabarinda, ikabaha umugisha vuba, cyangwa mu bihe biri imbere. Ku rundi ruhande, imyizerere y'amadini ishobora gutuma abantu bumva nabi imibabaro, bizera ko bahanwa kubera icyaha cy'ubuhemu, bemera ko Imana yabatereranye cyangwa ko imbaraga z'ikibi ziruta imbaraga z'icyiza, cyangwa gushishikariza abantu kudakora bafite imyizerere itari yo y'uko hazabaho igikorwa kidasanzwe.[22] Igitangaje ni uko nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, nyuma y'amezi make, abenshi mu Banyarwanda bari basubiye i Beteli bivuze mu nzu y'Imana.

Insengero zongeye kugirirwa icyizere n'ubwo habayeho intege nke zo kudahangana n'ingengabitekerezo ya jenoside yagejeje kuri Jenoside yakorewe abatutsi 1994. Muri bimwe mu byatumye Abanyarwanda bongera kugirira icyizere amatorero ni uko habayeho kwemera intege nke zayo no kugira uruhare mu bikorwa byo guharanira ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda. Nyuma gato ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, Abaporotesitanti bemeye intege nke zabo, guceceka kwabo n'uruhare rw'abayoboke babo muri Jenoside yakorewe abatutsi.

Ntabwo ari ukwemera gusa, amatorero yakoze kandi aracyakora byinshi mu kwiyunga mu Rwanda. Umushumba wa Kiliziya Gatolika ku Isi, Papa Fransisko, yagize ati: "Ubwiyunge no gukira ibikomere nta gushidikanya ni byo Kiliziya y'u Rwanda ishyize imbere." Kubabarirwa ibyaha no kwiyunga nyakuri, bishobora kugaragara nk'ibidashoboka mu buryo bwa muntu nyuma y'imibabaro myinshi, ariko ni impano itangwa na Kristo, kubera kwizera no gusenga, n'ubwo inzira ari ndende kandi isaba kwihangana, kubahana no kuganira.

Kiliziya rero ifite umwanya mu kubaka sosiyete y'u Rwanda yiyunze; N'imbaraga zose z'ukwemera n'ibyiringiro bya gikristo, ujye uhora uhamya ukuri. Ni ngombwa rero ko Kiliziya ivugana n'ijwi rimwe, igatsinda urwikekwe n'amacakubiri ashingiye ku moko, igaragaza ubumwe bwayo n'ubusabane bwayo na Kiliziya y'isi yose n'Umusimbura wa Petero.[23]

Nyirubutungane Papa Fransisko ashimangira uruhare rwa Kiliziya mu nyungu rusange, cyane cyane mu nzego z'uburezi n'ubuzima, no mu bumwe n'ubwiyunge hatibagiwe ibikorwa byogufasha. Ku bwa Antoine Kambanda, yagaragaje ko "Kiliziya Gatolika ubwayo, kimwe n'izindi nzego n'umuryango uwo ari wo wose mu Rwanda, na yo yagizweho ingaruka cyane na Jenoside kandi ikeneye kuvugururwa ku buryo bufatika, mu myitwarire no mu Mwuka."[24]

---

21 Tharcisse Gatwa na André Karamaga, *Les autres chrétiens Rwandais la présence protestante*, (Kigali : Éditions URWEGO, 1990), p131.

22 T. J. Bazuin, 'Religion in the remaking of Rwanda after genocide, Doctor of philosophy Dissertation', (Vanderbilt University, 2013, Nashville, Tennessee), p.99

23 Kiliziya Ifite Uruhare Rukomeye Mu Kwiyunga Mu Rwanda, Yashyizwe Ahagaragara Ku Wa 18/10/2019, Http://Visnews-En.Blogspot.Com

24 Antoine KAMBANDA, 'CONTEXTUALIZATION: THE STRUGGLE FOR PEACE IN RWANDA' accessed on 18/10/2019 http://cpn.nd.edu.

Ku bwe Kiliziya yagombaga gushaka inzira z'ubwiyunge binyuze muri sinodi idasanzwe no kugira uruhare rugaragara mu Nkiko gacaca, ndetse n'ubutwari bwo gusaba imbabazi no kubabarira. Kiliziya Gatolika y'u Rwanda yakoze kandi ikomeje gukora byinshi mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.[25]

**Umusozo**

Amatorero ya Gikristo mu Rwanda yabaye kandi aracyari abafatanyabikorwa b'ingenzi mu iterambere ry'Igihugu. Kuva ku bamisiyoneri b'Abanyaburayi kugeza ku matorero yashinzwe n'Abanyarwanda, uruhare rw'Itorero ntirwagarukiye ku ivugabutumwa gusa, ahubwo ryagize uruhare rukomeye mu burezi, ubuvuzi, ubuhinzi, ubukungu n'imibereho myiza. Mu gihe kiri imbere, amatorero afite amahirwe yo gukomeza gutanga umusanzu wihariye mu iterambere rirambye ry'u Rwanda.

Dore bimwe mubyo amatorero akwiye gushyiramo imbaraga kugira ngo akomeze kugira uruhare mu iterambere ryuzuye ry'Abanyarwanda:

1. Guhuza ivugabutumwa n'iterambere rirambye. Abakristo bakwiye kwigishwa gukura mu by'Umwuka ariko kandi no gukura mu bumenyi bw'ubukungu n'ikoranabuhanga rigezweho ririmo kwihutisha iterambere.
2. Gushyira imbere uburezi, ubuvuzi n'ubuhinzi bujyanye n'igihe turimo kandi bigakangurirwa abayoboke bose.
3. Gukorana n'inzego za Leta n'imiryango y'iterambere. Amatorero akwiye kwiga gukorana na Leta n'abandi bafatanyabikorwa mu buryo buteza imbere ibikorwa byayo mu buryo bw'Umwuka n'iterambere ry'ibikorwa byose akora.
4. Guteza imbere ibikorwa bishingiye ku bayoboke b'amatorero, kugira ngo bigire uburambe kandi bicungwe neza. Iyo abayoboke bagize uruhare mu bikorwa by'iterambere nibwo bikomera kandi bigacungwa neza.

[25] Celestin Nsengimana, 'Peace Building Initiatives of the Presbyterian Church in Post-Genocide Rwandan Society, An Impact Assessment', *Globethics.net Focus No. 24* , 2015, pp 21-22).

**ROHO NZIMA MU MUBIRI MUZIMA:** ***Uruhare rw'amatorero y'ivugabutumwa mu iterambere ryo mu buryo bw'umwuka mu iterambere ry'abakirisito*.**

**Esron Maniragaba,** Umunyamabanga mukuru wa (Alliance Evangelique au Rwanda)

**Inshamake**
Iyi nyindiko itangira isesengura ihame rya "Roho nzima mu mubiri muzima" nk'ishingiro rya tewolojiya y'ivugabutumwa ryuzuye (holistic/integral mission) ryibanda ku ruhare rw'amatorero y'ivugabutumwa mu iterambere ryo mu buryo bw'umwuka n'imibereho myiza y'Abakristo, kubera ko aribo bagenerwabikorwa b'ibintu byose bikorwa n'amatorero. Twakoresheje icukumbura ry'imirongo yo muri Bibiriya ihuzwa n'inyandiko z'abanditsi b'abevanjeliki b'ibyamamare barimo John Stott, René Padilla, Ronald J. Sider, na Christopher J. H. Wright, ndetse n'isesengura rishingiye ku miterere y'u Rwanda. By'umwihariko, hongerwamo urugero rw'uburere bw'umwimerere bw'umuryango werekana ihuriro ry'ivugabutumwa, umurimo n'imibereho myiza. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko ivugabutumwa ridashobora gutandukanywa n'inshingano mbonezamibereho, kandi ko amatorero y'ivugabutumwa agira kandi akomeje kugira uruhare rutaziguye kandi rukomeye cyane cyane mu kubaka Abakristo bafite roho nzima n'imibereho myiza ya buri munsi.
Umwanzuro ni uko ivugabutumwa ryuzuye kandi rirambye ari umuyoboro muzima ntashidikanywaho wo guteza imbere abakirisito, umuryango n'Igihugu muri rusange.

**Amagambo shingiro**: Roho nzima, Umubiri muzima, Itorero mu Iterambere, Ivugabutumwa n'Iterambere.)

**1. Iriburiro**
Buri gihe , kuva Itorero ryabaho cyane cyane mu gihe cy'abamisiyoneli kugeza uyu munsi ihuriro riri hagati y'ivugabutumwa n'imibereho myiza byakomeje gukurura impaka cyane. Ibihe bimwe amatorero yashyize imbere iby'ivugabutumwa rishingiye ku by'umwuka (Roho) gusa kandi akabyishimira ariko mu bindi bihe yagize uruhare rukomeye cyane mu burezi, mu mavuriro, iterambere ,ubutabera , imibanire, ubumwe n'ubwiyunge. Kubera iyi mpamvu byatumye havuka ibibazo by'uko Itorero ryakagombye kwibanda ku by'Umwuka cyangwa ku mibereho myiza.
Iyi nyandiko iribanda ku ihame rya "Roho nzima mu mubiri muzima" bishatse kuvuga ko umuntu adashobora na gato gutera imbere mu buryo bw'umwuka mu gihe ubuzima , umubiri ,imibereho bye bitameze neza cyangwa se ngo bihabwe agaciro. Bibiliya hamwe n'inyigisho zitandukanye z'abevanjelike rigaragaza ko Imana iha agaciro ubuzima bwose bw'umuntu . Iyi nyandiko igamije kwerekana ishingiro rya Bibiriya n'iry'inyigisho za tewolojiya kuri iri hame igasesengura uko bikorwa mu matorero y'ivugabutumwa mu Rwanda.

## 2. **Ihame rya Tewolojiya: Ivugabutumwa ryuzuye**

Ivugabutumwa ryuzuye (holistic or integral mission) ni igitekerezo cya tewolojiya kigaragaza ko ubutumwa bwiza bugamije guhindura umuntu mu buryo bwuzuye: roho, umutima, umubiri n'imibereho. John Stott, umwanditsi w'umwevanjeliki wo mu bwongereza akaba umuhanga mu bya Bibiriya asobanura ko ivugabutumwa ridashobora gutandukanywa na rimwe n'inshingano zo guteza imbere imibereho myiza, kuko byombi ari ibice bigize inshingano imwe y'Imana ku isi.[1]

René Padilla we asobanura ivugabutumwa ryuzuye nk'ubutumwa buhuza amagambo n'ibikorwa, rivuga Kristo kandi rigakomeza kugaragarira mu buzima mu mibereho yabo ya buri munsi y'Abakristo.[2] Iyi myumvire inashyigikirwa kandi na Ronald J. Sider, werekana ko ukwemera kutazana impinduka mu mibereho y'abakene n'abatishoboye kuba ari ukwemera kudashyitse.[3] Christopher J. H. Wright na we yerekana ko *Missio Dei* bivuze misiyo y'Imana, igamije guhindura isi yose, binyuze mu guhindura imibereho y'abantu n'imiryango.[4] Ibi bitekerezo by'aba bahanga ntabwo binyuranyije na busa n'ibyo intumwa zari zigize urufatiro rw'Itorero rya Yerusalemu bakaba n'abajyanama n'abatoza ba Pawulo mu by'Umwuka basabye ko yita ku bakene (Abagalatiya 2:1-10) bigaragaza ihame ntakuka ry'uko Itorero rigomba kwita ku bya Roho n'ibyo ku mubiri kugira ngo umuntu Imana yaremye abe yuzuye kandi afite ubuzima buzima.

## 3.**Uburyo bw'ubushakashatsi (Methodology)**

Iyi nyandiko ikoresha uburyo butatu bw'ingenzi: Ubwa mbere ni exegesis ya Bibiliya, hatoranywa imirongo yerekana isano hagati y'iterambere ry'umwuka n'iry'umubiri; Ubwa kabiri ni isesengura ry'inyandiko z'abanditsi b'abevanjeliki bashimangira ivugabutumwa ryuzuye; Ubwa gatatu ni isesengura rishingiye ku miterere y'u Rwanda, harebwa uko amatorero y'ivugabutumwa akora mu rwego rw'umwuka n'imibereho myiza, hongerwamo urugero rw'uburere bw'umwimerere bw'umuryango. Ubu buryo bufasha guhuza inyigisho za tewolojiya n'ubuzima nyakuri bwa buri munsi.

## **4. Ishingiro rya Bibiliya ry'ihame rya "Roho Nzima mu mubiri muzima**

Mu rwandiko rwa 3 Yohana 1:2 haravuga ngo "*Ukundwa ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza.*" intumwa Yohana yifuriza Gayo uwo yandikiye amahoro n'ubuzima bwiza nk'uko ubugingo bwe buteye imbere, bigaragaza ko amwifuriza iterambere ry'umubiri n'iry'umwuka hamwe (3Yohana 1:2). Yakobo 2:14–17 ashimangira ko ukwizera kudaherekejwe n'ibikorwa kuba kudafite ubuzima.

[1] John stott, Christian Mission in the Modern World (1975),P45
[2] Rene padilla,Mission Between the times (1985),78
[3] Ronald J.Sider,Rich Christians in an Age of Hunger (1997),56
[4] Christopher J H.Wright, Mission of God (2006), 88

Luka 4:18–19 "*Umwuka w'Imana uri muri jye, ni cyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka , no kumenyesha abantu iby'umwaka umwami agiririyemo imbabazi*." Aha Luka yerekana ubutumwa bwa Yesu Kristo bwo kubohora abantu mu buryo bwuzuye: Mu mwuka, mu mibereho n'imibabaro yabo.[5] Luka agaragaza neza ko kugira ngo umuntu abe ameze neza cyangwa yitabweho neza roho igomba kwitabwaho ndetse n'umubiri ukitabwaho, ni byo Yesu ashimangira ko biri muri bimwe byamuzanye. Matayo 5:14–16 "*muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha. Ntabakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo rikamurikira abari mu nzu bose. Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru*." Yesu asaba abigishwa kuba umucyo w'isi binyuze mu bikorwa byiza bigaragarira abantu.[6] Mika 6:8 "*Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi*." Umuhanuzi Mika ahuza gushyira imbere ubutabera, kugirira imbabazi abandi no kugendana n'Imana.[7] Iyi mirongo yose igaragaza ko Bibiliya ishyigikira iterambere ryuzuye ry'umuntu ari ho dushingira tuvuga ko Bibiriya ishimangira ko Itorero rikwiye kwita ku mwuka no ku mubiri.

## 5. Amatorero y'Ivugabutumwa mu Rwanda: Imiterere n'amateka magufi

Amatorero y'ivugabutumwa mu Rwanda yagize uruhare rukomeye mu mibereho y'Igihugu kuva mu bihe bya kera by'ivugabutumwa. Agitangira yagize uruhare rukomeye mu burezi, ubuvuzi, kubaka indangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge, no guteza imbere imibereho y'abaturage n'ibindi byinshi akora bishingiye ku ndangagaciro za Bibiriya. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, amatorero y'ivugabutumwa yagize uruhare rukomeye mu isanamitima, kubaka amahoro, gufasha mu gukira ibikomere by'ihungabana, gusana imiryango no kongera kubaka icyizere mu baturage.

Uyu murongo w'amateka ugaragaza ko Itorero mu Rwanda ritigeze riba iry'inyigisho gusa, ahubwo ryabaye umufatanyabikorwa mu mibereho myiza y'abaturage bose mu Gihugu.

## 6. Imikorere y'amatorero y'ivugabutumwa mu Rwanda n'uburere bw'umwimerere mu muryango nk'icyitegererezo cy'ivugabutumwa ryuzuye

Mu Rwanda, amatorero y'ivugabutumwa agaragaza mu buryo bufatika ihame rya *Roho nzima mu mubiri muzima*. Ku rwego rw'umwuka, ateza imbere kwigisha Bibiliya, amasengesho, ubujyanama n'uburezi bwa gikristo. Ku rwego rw'imibereho myiza, akora ibikorwa by'urukundo, afasha abakene, agira uruhare mu burezi, ubuzima n'iterambere ry'imiryango, akenshi ku bufatanye n'inzego za Leta, imiryango ya gikirisito n'imiryango itegamiye kuri Leta.[8]

[5] Bibiliya ,Luka 4:18-19
[6] Bibiliya Yera, Matayo 5:15-16
[7] Bibiliya yera,Mika 6:8
[8] Alliance Evangelique au Rwanda , Raporo Z'Imikorere y'Amatorero (2023),14-16

Uburere bw'umuryango bugaragaza neza ihame rya *roho nzima mu mubiri muzima*. Nkiri umwana, nabonaga ababyeyi banjye bavuye kuvuga ubutumwa, ariko nanone bagashyira imbaraga mu buhinzi no mu mirimo itunga umuryango. Kubera izo mbaraga, ntitwigeze tubura ibyo kurya, kandi mu rugo ibigega byahoraga byuzuye imyaka. Ibi kandi sinabibonye gusa iwacu kuko abashumba ba mbere, nta mishahara bahabwaga, bashyiraga imbere umuhamagaro ariko bagashyira nanone imbere imiryango yabo bakora imirimo nk'ubuhinzi cyangwa ubucuruzi. Uko abashumba babaga bagiye mu ivugabutumwa, inyuma ababyeyi b'abagore babaga bakurikiranira hafi ibyo mu rugo, ukabona ndetse hari ubufatanye mu ngeri zose. Ibya Roho bikagaragara, iby'umubiri bikagaragara ukabona umuryango ushyize hamwe mu iterembere ryuzuye.

Icy'ingenzi kurushaho, ni uko mu gihe bakoraga ibyo byose, ubutumwa bw'Imana bwakomezaga kwamamara, Abakristo bakiyongera, kandi ababyeyi banjye bakaba icyitegererezo cy'iterambere ry'umubiri n'iry'umwuka.

Ubu burere bugaragaza ko ivugabutumwa ridashobora gutandukanywa n'inshingano mbonezamibereho, kandi ko gukorera Imana bidakuraho inshingano zo kwita ku muryango n'imibereho yawo.

Ubuzima bugenda buhinduka ku buryo ubuhinzi bwateza umuntu imbere busaba imbaraga z'igishoro n'umwanya uhagije. Bityo amatorero menshi asabwa guhindura uburyo yita ku mibereho y'abapasitori kugira ngo bakorere Imana ariko na bo babashe guteza imbere imiryango yabo. Bityo guhemba abashumba, kubateganiriza bikwiye gushyirwa imbere kugira ngo bigishe Abakristo kwiteza imbere nabo bafite ubuzima bufatika. Ntawe utanga icyo adafite, kugira ngo abashumba b'amatorero babashe kwigisha neza iterambere ry'uzuye ni uko na bo bakwiye kuba bafite ubuzima bwuzuye.

## 7. **Isesengura**

Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko ivugabutumwa ridahuza Umwuka n'imibereho riba rituzuye. Bibiliya n'inyigisho z'abavenjelike zemeza ko Imana ishishikajwe n'ubuzima bwose bw'umuntu. Isesengura ryagaragaje ko ivugabutumwa ryuzuye ribyara Abakristo bazima bafite ukwizera gukura mu bikorwa bifatika bakiteza imbere kandi bagaha agaciro ijambo ry'Imana. Mu Rwanda, amatorero y'ivugabutumwa ni abafatanyabikorwa b'ingenzi mu iterambere rirambye, kuko ahuza inyigisho z'ukwemera n'ibikorwa by'imibereho myiza. Imiryango y'ivugabutumwa n'imiryango itari iya Leta yatangijwe n'Abakristo cyangwa amatorero na yo ntiyasigaye inyuma ishyigikira amatorero kugera ku ntego z'itermbere ryuzuye, aha twavuga nka World Relief, Tear Fund, ALARM Rwanda , AEE , Food for the Hungry, FLI n'indi myinshi ikora mu ngeri zitandukanye z'ubuzima ku iterambere ryuzuye ku buryo bugaragarira abakiristo, abaturage ndetse na Leta muri rusange.

## 8. **Imbogamizi n'ingaruka ku matorero**

N'ubwo ivugabutumwa ryuzuye rifite imbaraga, rihura n'imbogamizi zirimo ubushobozi buke, imyumvire itandukanye mu matorero, n'ingaruka z'iterambere rishingiye ku nkunga. Nyamara, iri hame rifite ingaruka nziza ku matorero, kuko rishishikariza kubaka ubushobozi bw'Abakristo bakuze mu mwuka, bafite n'ubushobozi bwo kwiteza imbere no guteza imbere abandi. Kuba inyigisho zitangwa ku cyumweru mu matorero akenshi zibanda ku by'umwuka gusa, bituma Abakristo batamenya neza guhuza ubuzima bwa buri munsi mu kazi bakora n'ijambo ry'Imana. Nkuko tubibona mu inkuru iri muri Luka 10:38-42, usanga hari benshi bameze nka Marita bashyira imbere gukora gusa, gusenga no kubaha ijambo ry'Imana bakabiha agaciro gake, abandi na bo ugasanga bameze nka Mariya bahisemo kuba mu masengesho gusa, bava murusengero rumwe bajya mu rundi, mu cyumba cy'amasengesho runaka bajya mu kindi. Igikenewe ni ukuba Abakristo bafite amaboko ya Marita ariko kandi bafite n'umutima wa Mariya mu isi ya none iri mu muvunduko w'iterambere.

## 9. **Umwanzuro**

Iyi nyandiko yerekanye ko ihame rya *"Roho nzima mu mubiri muzima"* rifite ishingiro n'agaciro muri Bibiliya, mu nyigisho z'abevanjelike no mu mikorere y'amatorero y'ivugabutumwa mu Rwanda. Iyo Itorero rihuza ivugabutumwa n'imibereho myiza, riba rishyira mu bikorwa imyigishirize ya Yesu Kristo kuko kuri we umubiri n'umwuka ntibitandukana kuko mu nyigisho abafite ubumuga bwo kutabona barahumutse, abashonje baragaburiwe, abarwayi barakize, abakeneye iby'umwuka barabibonye. Ivugabutumwa ryuzuye rifasha kubaka umuntu, umuryango n'Igihugu muri rusange mu buryo ntashidikanywaho ku buryo Leta n'abaturage bagerwaho bidasubirwaho na service nziza z'Itorero mu buryo bwa Roho n'ubw'umubiri.

# NI ABANTU SI IBINTU: Uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu gufasha abatishoboye cyane cyane abafite ubumuga

**Jean Bosco Ntakirutimana,** Umupasitori muri HBFR, akaba n'umuyobozi mukuru wa Hillside Hope mu Rwanda

**Inshamake**

Imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare rukomeye mu rwego rw'iterambere. Mu mpera z'ikinyejana cya makumyabiri na kimwe, imiryango myinshi ishingiye ku myemerere, yatangiye gukorera hanze y'imipaka y'aho ikomoka, igamije kuzamura imibereho myiza y'abatishoboye ku isi. Ibi byakozwe mu rwego rwo guteza imbere agaciro k'ikiremwamuntu cyane cyane nk'abatishoboye barimo n'abafite ubumuga.

Iyi nyandiko igaragaza uko imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare mu gufasha abatishoboye cyane cyane abafite ubumuga guhabwa agaciro. Ni abantu si ibintu, bityo ntibahezwe mu kwiga no kwiteza imbere. Binyuze mu ngero zifatika, imiryango ishingiye ku myemerere ntikora ibikorwa by'ivugabutumwa gusa ahubwo ikora n'ibikorwa bijyanye n'ubuvuzi, uburezi budaheza no guteza imbere abaturage.

**Amagambo shingiro**: Imiryango ishingiye ku myemerere, Iterambere, Agaciro k'ikiremwamuntu, Abantu bafite ubumuga, Uburezi budaheza, Kwigira cyangwa kwiteza imbere.

## 1. Iriburiro

Abantu bafite ubumuga akenshi bakunze kwirengagizwa no guhezwa muri sosiyete. Abantu benshi ntibarasobanukirwa ko umuntu ufite ubumuga ashobora kugira uruhare mu bikorwa bitandukanye mu iterambere ry'Igihugu. Iyi myumvire idahwitse ituma abantu bafite ubumuga bahezwa ku mahirwe yose ajyanye n'iterambere ry'imibereho n'ubukungu; ndetse ugasanga sosiyete itekereza ko kwiga ntacyo byabamarira, bityo ugasanga nta mahirwe yo kubona akazi. N'ubwo hari amasezerano mpuzamahanga avuga ku burenganzira bw'abantu bafite ubumuga, usanga ubwo burenganzira ari amahame mu nyandiko atarashyirwa mu bikorwa uko bikwiye. Ibi byemejwe neza na Amartya Sen wavuze ati: "*Abantu bafite ubumuga ntibafatwa nk'abanyantege nke gusa mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, ahubwo ni na bo birengagizwa kurusha abandi."*[1]

Niyo mpamvu, abantu bafite ubumuga aho baherereye hose, imibare igaragaza ko bakunze kubura akazi, kandi bakagira umubare muke w'abagera mu ishuri. Bityo, ugasanga amahirwe y'iterambere aba make ugereranyije n'abandi badafite ubumuga. Akenshi abafite ubumuga bafatwa nk'abatuzuye. Ivangura ritangirira kuri iyo myumvire. abantu bafite ubumuga bagaragara mu buryo butandukanye n'abasanzwe, rimwe na rimwe bikagaragarira buri wese, bityo bigatera abantu kubitaho mu buryo butandukanye. N'ubwo bafatwa nk'abadafite agaciro, dukunze kubabona nk'abatandukanye natwe.

[1] Gulf News, 'Amartya Sen and James D. Wolfensohn: Helping Disabled People Come Out of the Shadows', Gulf News, 29 May 2006,https://gulfnews.com/uae/amartya-sen-and-james-d-wolfensohn-helping-disabled-people-come-out-of-the-shadows-1.340338.

Ku bw'iyo mpamvu, abana n'urubyiruko bafite ubumuga bakunze guhezwa mu burezi busanzwe, aho usanga ibikorwa byabo by'uburezi bikorwa mu bigo byihariye (ibigo by'abafite ubumuga) bikunze gukorwa nk'ibikorwa by'impuhwe kuko hari ibigo bike cyane bifite ibikoresho byihariye n'abarimu babihuguriwe. Ikibabaje kurushaho, ibyo bigo ahanini biba mu mijyi gusa. Ibi bituma abana bafite ubumuga cyane cyane abo mu bice by'icyaro basigara bafite amahitamo abiri: Kujya mu mashuri asanzwe y'aho batuye badafite ubufasha bukwiriye cyangwa kutiga burundu. Guhitamo kutiga ni byo bikunze kubaho mu byaro. Ibi bigira ingaruka ku mubare munini w'abantu bafite ubumuga cyane kutagira amahirwe yo kwiga. Bityo bigatuma batagira uburenganzira bwo kubona amakuru, bwo kugira uruhare muri politike no mu buyobozi, bwo kwiteza imbere mu bukungu.

Uburezi n'akazi bifitanye isano ikomeye cyane cyane ku bantu bafite ubumuga, kuko bakeneye uburezi n'amahugurwa y'imyuga kugira ngo babashe kubona akazi. Kubera kubura uburezi n'amahugurwa ajyanye n'imyuga, umubare munini w'abantu bafite ubumuga ntibagira akazi, abagafite bisanga mu mirimo iciriritse kandi ihemba amafaranga make cyane. Ibi bituma babaho baterwa inkunga aho kugira ubushobozi bwo kwihangira imirimo cyangwa kwiteza imbere ku giti cyabo.

N'ubwo hatazwi neza umubare w'abafite ubumuga mu Rwanda bibeshejeho ubwabo, igihari ni uko ubumuga bugabanya ubushobozi bwo gukora no gutanga umusaruro, bityo bukaba umutwaro ku muryango, ku Karere ndetse no ku Gihugu muri rusange.

Mu gukemura ibi bibazo, imiryango ishingiye ku myemerere ikeneye gutegura uburyo bufatika bwo kwigisha abantu bafite ubumuga binyuze mu burezi budaheza, no kubaha amahugurwa ahagije kandi akenewe mu myuga n'ubumenyi ngiro kugira ngo babashe guhatanira amahirwe yo kubona imyanya iri ku isoko ry'umurimo. Ibi bigomba gutangirana no guhangana n'imyumvire idahwitse ku bafite ubumuga.

Ni bande bafatwa nk'abafite ubumuga? Nk'uko[2] babivuga, ijambo "ubumuga" risobanura "kubura ubushobozi," "kutabasha," "kubura ubushobozi bwo gukora ibintu runaka." Bityo abafite ubumuga mu muryango mugari nyarwanda (society) ni abo bantu babura ubushobozi cyangwa batabasha gukora ibikorwa runaka bitewe n'impamvu zitandukanye zirimo ubumuga bwavukanywe, bw'inkomoko, impanuka, indwara, uburwayi bwandura n'ibindi biterwa n'ibidukikije.[3] Powel we avuga ko ubumuga ari ikibazo cy'umubiri cyangwa ubwenge gituma umuntu atabasha gukora imirimo y'ingenzi mu buzima nko kureba, kumva, kugenda, gukora imirimo ijyanye no kwiga, guterura ibikoresho cyangwa gukora akazi[4].

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima[5] risobanura ko ubumuga ari ukubura ubushobozi bukomoka ku bumuga bw'umubiri bigatuma umuntu adashobora gukora ibikorwa ku rugero rusanzwe rw'umuntu udafite ubumuga. Itegeko ryo 1995 ryerekeye abantu bafite ubumuga rivuga ko umuntu afatwa nk'ufite ubumuga iyo afite ubumuga nibura ku rugero rwa 40% hashingiwe kuri gihamya y'umuganga.

[2] Leonard Chidi Ilechukwu et al., 'The Role of Religious Education in Improving the Image of Disabled Persons in Nigeria', *Journal of Philosophy, Culture and Religion* 12 (2015): 25–36.

[3] E. E. Adima, *Career Opportunities for the Disabled in Nigeria* (Department of Special Education, University of Ibadan, 2008).

[4] C. M. H. Powel, 'Meeting the Needs of People with Disabilities within the Church,' 2009, http://enrichmentjournal.ag.org/200904/200904_124disability.cfi.

[5] World Health Organization (WHO), 'World Health Organization Publication,' 2002.

Nk'uko babivuga, ubumuga ni imbogamizi cyangwa kubura ubushobozi bwo gukora igikorwa mu buryo busanzwe ku muntu.[6] Adima na we avuga ko kugira ngo umuntu afatwe nk'ufite ubumuga, hagomba kugaragara ikintu cy'ingenzi: Kuba afite imbogamizi ikomeye mu gukora ibikorwa by'ingenzi mu buzima bwe bwa buri munsi.[7]

Hari ubwoko butandukanye bw'ubumuga. Bimwe mu byiciro by'ubumuga nk'uko[8] bivugwa: Ubumuga bwo kutabona, ubumuga bwo kutumva, ubumuga bw'ingingo, ubumuga bw'ubwenge, ubumuga bw'ururimi.

Mu byiciro byose, habamo urwego rutandukanye rw'ubumuga, kandi buri rwego rufite imbogamizi zitandukanye zisaba uburyo bwihariye bwo kubwitaho. Umusanzu w'ingenzi w'iyi nyandiko usobanurwa muri ubu buryo:

- Gusuzuma uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere ku bijyanye n'uburezi no guteza imbere kwigira kw'abatishoboye cyane cyane abafite ubumuga binyuze mu buryo bw'Umwuka, imibanire ndetse n'ibifatika.
- Gusesengura uruhare rw'imikorere ishingiye ku rukundo bishingiye ku gushyira abatishoboye kw'isonga mu bikorwa by'imiryango ishingiye ku myemerere, hagamijwe ubuvugizi, gahunda z'uburezi budaheza, no guteza imbere mu buryo burambye abantu bafite ubumuga.

## 1. Amavu n'amavuko y'iyi nyandiko

Imiryango ishingiye ku myemerere ikomeje kugira uruhare rukomeye mu guteza imbere iterambere rishingiye ku muntu, ishyira imbere inyungu z'abantu aho gushyira imbere inyungu z'ibintu. Mu mateka, iyi miryango yajyaga ifatwa nk'aho idafite akamaro kandi ikabonwa nk'imbogamizi ku iterambere.[9]

Ariko ubu yemejwe nk'imwe mu nkingi z'ingenzi zitanga ubufasha nk'ibiryo, ubuvuzi, icumbi n'uburezi ku batishoboye. N'ubwo uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu iterambere rugenda rwemerwa ku isi yose, ubushakashatsi bw'ibanze ku kumva uburyo iyi miryango ifasha abantu bari mu byago byihariye, cyane cyane abafite ubumuga, kugira ngo babone uburezi no kwiteza imbere ku giti cyabo. Abafite ubumuga bakomeza guhura n'imbogamizi z'imibereho, iz'ubukungu zibabuza kwitabira uburezi no gutera imbere mu buzima.
Imiryango ishingiye ku myemerere, igira ishyaka rishingiye ku ndangagaciro z'ikiremwamuntu, impuhwe no kudaheza bityo igakora ibikorwa bigamije amahirwe kuri bose binyuze mu burezi ndetse n'ubuvugizi. Ariko kandi, ibikorwa by'imiryago ishingiye ku myemerere n'ingaruka zabyo ntibiragaragazwa bihagije mu bushakashatsi. Ni muri urwo rwego ubu bushakashatsi bugamije gusesengura uko imiryango ishingiye ku myemerere ifasha abantu batishoboye, by'umwihariko abafite ubumuga, kugira ngo babone uburezi no kugera ku iterambere ryabo bwite. Ibi bigamije kongera ubumenyi ku iterambere rishingiye ku myemerere ridaheza, no kugaragaza uko rifitanye isano n'intego z'iterambere rirambye.

[6] B. Chaudhry et al., 'Systematic Review: Impact of Health Information Technology on Quality, Efficiency, and Costs of Medical Care', *Annals of Internal Medicine* 144, no. 10 (2006): 742–52.

[7] Adima, *Career Opportunities for the Disabled in Nigeria*.

[8] Cornucopia of Disability Information (CODI), 'What Problems Do People with Disabilities Have,' 2014, http://codi.tamucc.edu/archieves/computing/making/.part2.

[9] Gerard Clarke and Michael Jennings, *Development, Civil Society and Faith-Based Organisations: Bridging the Sacred and the Secular* (Palgrave Macmillan, 2008).

## 2. Isesengura ry'ibitekerezo by'abanditsi

Uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye by'umwihariko intego y'uburezi ni runini cyane. Iyi miryango ifite ibintu byinshi biyitandukanya n'indi miryango, bigatuma ikora neza kandi igera ku ntego zayo. Muri byo harimo: Indangagaciro zishingiye ku myemerere zituma ishishikariza abantu kugira imibereho myiza mu buzima bwabo bwose, kwirinda ibibi, guteza imbere iterambere ryuzuye, ndetse no kugira ubushobozi bwo guhuriza hamwe abantu benshi mu bikorwa by'iterambere.

Mu rwego rw'uburezi, iyi miryango itanga umusanzu mu nzego nyinshi zitandukanye, harimo gutegura integanyanyigisho z'amashuri, gutanga amahirwe ku bana bafite ubumuga, ndetse no gushishikariza abakobwa kwitabira uburezi.

Isesengura ry'ibitekerezo by'abanditsi rifasha gusobanukirwa uburyo n'urwego imiryango ishingiye ku myemerere itanga umusanzu wayo mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye, cyane ku ntego yerekeye uburezi, uko ibikorwa byayo bigera kure n'ubunyangamugayo igaragaza mu gutanga serivisi z'uburezi. N'ubwo hari ubushakashatsi bwinshi bwerekana uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu guteza imbere uburezi, ni bake mu bashakashatsi bashyizeho umwihariko ku ntego z'iterambere rirambye mu isesengura ryabo. Ku bw'ibyo, uru rwego rugaragaza ingero z'imiryango ishingiye ku myemerere ikorera mu Rwanda n'uruhari rwayo mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye.

### 2.1. Imiryango ishingiye ku myemerere

Amadini n'amatorero kuva kera no muri iki gihe agira uruhare rukomeye mu guhuza abantu mu mibereho yabo ya buri munsi. Hari igihe byizerwa ko imyemerere izashira cyangwa itazagira agaciro mu muryango w'iki gihe. Ariko se, imiryango y'amadini, abayobozi bayo n'ibindi bikorwa byayo nk'ubucuruzi, ishoramari n'inkunga zitandukanye biracyabaho kandi bigira uruhare rukomeye mu mibereho y'abantu?.

Mu bushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2012 n'Ikigo Pew Research Center, byagaragaye ko umunani mu bantu icumi bose ku isi biyumvamo imyemerere runaka. Uburyo nk'ubwo bwagaragaye no mu bushakashatsi bwo mu mwaka wa 2016, aho byatangajwe ko hafi umunani ku cumi ku isi yose bafite aho bahuriye n'amadini cyangwa amatorero. Nk'uko[10] babivuga, imyemerere itanga ihumure ku bantu cyane cyane abakene, kandi ikaba igice cy'ingenzi cy'ubuzima bwabo, ubusabane n'icyizere cy'ejo hazaza. Ibi biterwa n'uko imyemerere ari igice gikomeye cyane, ndetse rimwe na rimwe ikaba ari cyo gice cy'ingenzi mu mibereho y'abantu benshi. Amategeko n'indangagaciro by'iyobokamana bifite agaciro gakomeye mu bice byinshi by'isi. Ku bw'ibyo, imyemerere igira uruhare rukomeye mu kugena imico n'imyitwarire y'abantu, kandi imiryango ishingiye ku myemerere igira ingaruka zikomeye ku myifatire, ubwangamugayo n'indangagaciro z'abantu, bikayiha ubushobozi bwo gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa runaka byihuse kurusha izindi nzego.[11]

[10] D. Belshaw et al., *Faith Development: Partnership between the World Bank and the Churches of Africa* (Regnum Books International, 2001).

[11] M. Nishimuko, 'The Role of Faith-Based Organizations in Building Democratic Process: Achieving Universal Primary Education in Sierra Leone', *International Journal of Social Science* 3, no. 3 (2008): 172–79.

## 2.2 Ibiranga imiryango ishingiye ku myemerere

Nk'uko Bielefeld na Cleveland babivuga, mu muryango mugari (society) hari amoko menshi y'imiryango ishingiye ku myemerere, ariko muri rusange ishobora kugabanywamo ibyiciro bibiri by'ingenzi.[12] Icyiciro cya mbere kigizwe n'imiryango itanga serivisi z'ubuzima, uburezi, n'imibereho myiza, naho icya kabiri kigizwe n'imiryango ishinzwe ibikorwa byo gusenga no guteza imbere imyemerere. Ibi byiciro byombi bigira uruhare rutandukanye ariko rufitanye isano mu iterambere ry'umuryango.

Nk'uko (Berger, 2003) abivuga, imiryango ishingiye ku myemerere ni ihuriro ridasanzwe rihuza ukwemera gushikamye n'ibikorwa bifatika by'imibereho myiza.[13] Bifite umwihariko wo kuba byubakiye ku ndangagaciro z'iyobokamana ariko bikagaragaza imbaraga mu bikorwa bifasha abantu. Imiryango ishingiye ku myemerere kandi ifatwa nk'ifite uruhare rukomeye mu mateka, mu muco no mu ishingwa ry'imibereho y'abaturage (Olarinmoye, 2012).[14] Umubare w'iyo miryango wiyongereye cyane mu myaka ya za 1980, bikaba byarafashije kongera ubwamamare bw'imiryango itari iya leta ku rwego mpuzamahanga (Thaut, 2009).[15] Ijambo "*iyobokamana*" cyangwa "*imyemerere*" ryerekeza ku matsinda atandukanye y'amadini n'amatorero afite inkomoko zitandukanye ariko ahuje intego yo guteza imbere imibereho myiza y'abantu binyuze mu ndangagaciro z'ubumuntu n'ukwemera.

## 2.3 Imiryango ishingiye ku myemerere n'uruhare rwayo mu guteza imbere iterambere rirambye

Nk'uko abashakashatsi batandukanye babigaragaje, imyemerere nk' igice cy'ingenzi mu buzima bwa benshi ku isi. Mu bihugu byinshi, imyemerere ifite imizi ikomeye mu mibereho, politiki, ubukungu n'umuco w'abaturage, kandi igira uruhare runini mu buryo abantu babaho buri munsi. Nk'uko Tomalin na Haustein babivuga, ibihugu byinshi bihabwa inkunga y'iterambere mpuzamahanga bikora ibikorwa bifitanye isano n'iyobokamana, bityo kumenya imikorere y'amadini, abigisha n'abayoboke bayo ni ngombwa cyane mu guteza imbere iterambere rirambye[16].

Mu myaka mike ishize, habaye impinduka zigaragara mu buryo iterambere ryumvikanamo n'uruhare rw'amadini n'amatorero. Ubu, imishinga y'imiryango ishingiye ku myemerere ifite uruhare rukomeye mu gukwirakwiza inkunga y'iterambere, kandi amadini n'amatorero afatwa nk'igisubizo aho gufatwa nk'imbogamizi kw'iterambere ry'imibereho myiza.

Mu Rwanda, Hillside Hope (HSH) ni urugero rugaragaza neza uburyo imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare mu guteza imbere uburezi budaheza no kwimakaza imibereho myiza ku bantu bafite ubumuga. Binanyuze mu ishingwa rya Blessing School for the Visually Impaired (BSVI), HSH itanga amahirwe yihariye yo kwiga ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona, ikabaha uburezi bufite ireme, ubufasha bwihariye, ndetse n'inzira zibafasha kuba abigenga no kwiyubaka.

[12] W. Bielefeld and W. S. Cleveland, 'Defining Faith-Based Organizations and Understanding Them through Research', *Nonprofit and Voluntary Sector Quarterly* 42, no. 3 (2013): 442–67.

[13] (Berger, 2003

[14] Olarinmoye, 2012).

[15] (Thaut, 2009).

[16] Emma Tomalin and Jörg Haustein, 'Religion and the Sustainable Development Goals', *The Review of Faith & International Affairs* 17, no. 2 (2019): 102–18, https://doi.org/10.1080/15570274.2019.1608664.

Ihuza n'ihame rigira riti "*Ni abantu, si ibintu*" uburyo bwa HSH bushingiye ku kwibanda ku cyubahiro, ubushobozi, n'agaciro Imana yashyize mu muntu wese. Ikindi giteye ishema ni uko ishuri BSVI rikoresha abarimu bafite ubumuga bwo kutabona, ibi bigaragaza amahirwe y'imirimo ku bafite ubumuga kandi bigahishura icyizere cy'uko ubumuga atari intege nke ahubwo bushobora kuba imbaraga. Bityo, Hillside Hope ifasha guteza imbere uburezi budaheza, ikongera icyizere n'agaciro ku bantu bafite ubumuga, ikabafasha kwigenga ndetse ikabahuza n'imibereho myiza y'iterambere rirambye. Ibi bikorwa bituma haba uruhare rufatika mu guteza imbere iterambere ryimbitse kandi ryuzuye mu muryango nyarwanda.

### 2.4 Uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu guteza imbere uburezi budaheza, burambye kandi bufite ireme

Nk'uko John abivuga, imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare rugaragara kandi rukomeye mu iterambere haba ku rwego rw'Igihugu, akarere ndetse no ku rwego mpuzamahanga.[17] Iyi miryango ifatwa nk'igize sosiyete sivile nk'uko bimeze ku miryango itegamiye kuri Leta, uretse ko yo yivugira ko ukwemera n'imyemerere byayo ari byo bitera imbaraga n'ihame ry'ibikorwa byayo. John asobanura ko ukwemera atari ukwemera gusa mu buryo bwo kwemera imihango cyangwa imigenzo y'idini, ahubwo ari ukwizera ubutumwa bw'ingenzi bw'idini, butuma umuntu agira ibikorwa bifatika. Ibi ni byo bituma imiryango ishingiye ku myemerere ikora ibikorwa bigamije iterambere ry'abantu birimo uburezi budaheza, burambye kandi bufite ireme hagamijwe guteza imbere agaciro k'ikiremwa muntu n'ubufatanye bushingiye ku ndangagaciro z'ukwemera.

### 2.5 Uruhare rw'imiryango ishingiye ku myemerere mu iterambere ry'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994

U Rwanda ni Igihugu giherereye mu karere ka Afurika yo hagati, imibare igaragaza ko abaturage bacyo benshi ari Abakrisitu. Human Development Index, HDI igaragaza ko u Rwanda ruri mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere ndetse ari nako byari bimeze na mbere ya Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994. Iyi jenoside y'akataraboneka yahitanye ubuzima bw'abana, abagore n'abagabo basaga miliyoni mu gihe cy'amezi atatu gusa.[18]

Yari jenoside ku isi yahagurukanye ubukana kandi ishyirwa mu bikorwa mu gihe gito kurusha izindi zabayeho. Nyuma yayo, Igihugu cyasigaye cyarangiritse bikomeye, ubukungu busenyutse nta ndangagaciro. Ariko nyuma yayo habaye impinduka zifatika, indangagaciro z'Abanyarwanda zirubakwa, ubukungu bugenda buzamuka gahoro gahoro, bugenda bukura ndetse ihanga ry'imirimo rigenda ryaguka.[19]

Ibyo byose byatewe n'impamvu nyinshi zifatika zifasha Igihugu kugarura ituze rya politiki no guteza imbere izindi nzego z'imibereho harimo n'uburezi. Muri izo mpamvu, imwe mu zo kudasuzugura ni uruhare rw'abafatanyabikorwa cyane cyane imiryango ishingiye ku myemerere. Nk'uko Dicklitch na Heather Rice babigaragaza, "Imiryango itegamiye kuri Leta ishingiye ku myemerere isobanurwa nk'abafatanyabikorwa batari ab'inyuma ya Leta bafite umutima w'iyobokamana cyangwa ukwemera nk'inkingi y'ihame ryabo, ubunyamuryango,

[17] T. A. John, 'Contributions of Roman Catholic FBOs in the Field of Education', no. 63, Religions and Development, 2007.

[18] Roméo Dallaire, *Shake Hands with the Devil: The Failure of Humanity in Rwanda* (Arrow, 2004).

[19] D. Amman, 'A Country of Hope. Africa. Rise of a Continent', *Credit Suisse Bulletin* 3 (2015): 30–45.

cyangwa uburyo bakoresha mu bikorwa, n'ubwo bataba abamisiyoneri gusa"[20]

Ndayisaba yemeza ko "Iyo abantu bizerana, bumva batekanye kandi bagakorera hamwe ku bw'ejo habo heza." Ibi bishimangira ijambo rya Batarigaya rijyanye no gukorera hamwe himakazwa ubumwe n'ubwiyunge. Mu buryo busa n'ubu, Ndayisaba akomeza agira ati: "By'umwihariko, umuco wa 'Ndi Umunyarwanda' wabaye ikiraro cy'ubuvuzi bw'imitekerereze n'iterambere ry'abantu."[21]

Ubushakashatsi bukubiye muri iyi nyandiko bugaragaza ko Leta n'amatorero/amadini mu Rwanda bifitanye ubufatanye bukomeye mu ntego bahuriyeho aho amatorero n'amadini atagira uruhari mu guteza imbere Igihugu bishingiye ku bwiyunge gusa, ahubwo binashingiye ku iterambere rifatika ritanga akazi ku baturage binyuze mu bikorwa bitandukanye birimo kubaka amashuri, amavuriro, amahoteri n'ibindi.

Mu gihe yabazwaga niba hari itandukaniro hagati y'ibikorwa by'ubwiyunge n'iterambere biyobowe na Leta n'ibiyobowe n'amatorero, Bataringaya, Perezida w'Itorero EPR (Église Presbytérienne au Rwanda), yashimangiye ko ibyo bikorwa bifitanye isano n'intego imwe. Yatanze ingero zigaragaza imikoranire myiza iri hagati ya Leta n'amatorero, by'umwihariko mu bikorwa by'ubuvuzi n'imibereho rusange. Urugero: ibitaro byombi bya EPR bikorera mu bufatanye hagati y'Itorero na Leta aho Itorero ritanga inyubako n'ibikoresho by'ibanze, maze Leta yo itanga abakozi b'inzobere mu buvuzi kandi ikanabahemba.

Ikindi kigaragaza ubu bufatanye ni imikoranire iri hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge iyoborwa na Leta n'amakomisiyo menshi y'ubumwe n'ubwiyunge (URCs) akorera ku rwego rw'Igihugu n'ayashyizweho n'amatorero. Nk'uko Schliesser abivuga, ubu bufatanye bugaragaza uburyo amatorero akorana neza na Leta, bityo bigafasha kongera kubaka icyizere, amahoro n'iterambere rirambye mu baturage b'u Rwanda.[22]

### 3.Uburyo bwifashishijwe muri iyi nyandiko

Uburyo bwakoreshejwe muri iyi nyandiko bwarebeye hamwe zimwe mu nyandiko zitandukanye ziboneka kuri murandasi zivuga ku ruhare rw'imiryngo ishingiye ku myemerere mu gufasha abatishoboye cyane cyane abafite ubumuga kwiga no kwiteza imbere. Iyi yandiko yasenguye mu buryo bwimbitse hagamijwe kugaragaza umusanzu w'iyo miryango.

### 4.Guhindura imyumvire ku bafite ubumuga

Imiryango ishingiye ku myemerere ikwiriye gufata iyambere mu bukangurambaga bugamije gukangurira sosiyete ko abafite ubumuga atari ibintu ahubwo ko ari abantu nk'abandi kandi ko bafite uruhare mu iterambere ryabo bwite n'iry'Igihugu. Abantu bagomba gusobanukirwa ko ibitera uburwayi cyangwa ubumuga bidakomoka ku byaha bakoze; kandi ubumuga si indwara yandura kugira ngo bibe imbarutso yo guhabwa akato.

[20] Dicklitch na Heather Rice , (p. 662).

[21] F. Ndayisaba, 'Ndi Umunyarwanda: Key to Healing and Human Development', 2016.

[22] Christine Schliesser, 'Contextualized Development in Post-Genocide Rwanda', in *Faith-Based Organizations in Development Discourses and Practice* (Routledge, 2019), https://doi.org/10.4324/9780429351211-6.

Nk'uko Pawul abivuga, Bibiliya yigisha ko buri rugingo rw'umubiri wa Kristo rufite agaciro kandi rukwiriye kwitabwaho, kimwe n'uko buri rugingo rw'umubiri rufite umumaro wihariye.[23] Ijisho ntiribasha kubwira ikiganza riti "Nta cyo umariye," cyangwa umutwe ngo ubwire ibirenge uti "Nta cyo mumariye." Ahubwo biri ukundi rwose: ingingo z'umubiri zizwi ko ari iz'intege nke hanyuma y'izindi ni izo kutabura, (1 Abakorinto 12:21 - 22). Bibiliya kandi yigisha ko buri rugingo rw'umubiri wa Kristo rufitanye isano n'urundi ku buryo *"Iyo urugingo rumwe rubabaye, izindi zose zibana narwo mu mubabaro; iyo rwubashywe, izindi zose zishyira hamwe mu munezero"* (1 Abakorinto 12:12–14). Ibi bisobanura ko abafite ubumuga ari igice cyuzuye cy'umubiri wa Kristo kandi ko ari ab'agaciro muri sosiyete. Amatorero n'amadini yigisha ko abafite ubumuga bafatwa nk'urugingo rworoshye rw'umubiri wa Kristo bityo bagomba guhabwa agaciro n'icyubahiro cyihariye.

## 5. Ku burezi burengera bose

Amadini n'amatorero binyuze mu bigo byayo by'uburezi, akwiye gutangiza no gushyira mu bikorwa uburezi budaheza; bityo abana bafite ubumuga bakigana n'abandi mu mashuri[24]. Ogbue abyumva nk'uburyo bwo kwigisha abana bose, hatitawe ku bumuga bwaba ubw'ingingo cyangwa ubwo mu mutwe, bakigana na bagenzi babo badafite ubumuga."[25] Iki gikorwa gishingiye ku gitekerezo cy'uko buri mwana agomba guhabwa agaciro kandi akemerwa nk'umunyamuryango wuzuye mu muco n'ubuzima bw'ishuri.

## 6. Amahirwe y''imirimo ku bafite ubumuga mu Rwanda

Uburezi bufite ireme ku bana ndetse no ku bantu bakuru bafite ubumuga ni imwe mu ngamba z'ingenzi zigamije kubafasha kugira uruhare rufatika mu iterambere ryabo ndetse n'iry'Igihugu. Ariko kandi, uburezi rusange ntibuhagije. Abafite ubumuga bagomba no guhabwa amahugurwa yihariye ajyanye n'imyuga hashingiwe ku bushobozi, ubushake ndetse n'impano zabo bwite. Ni ngombwa ko ibigo bitenganya inzira ziborohereza kwinjira mu nyubako ndetse no guhabwa amakuru ajyanye n'imirimo; akenshi abantu bafite ubumuga usanga badafite amakuru ahagije ku bijyanye n'imirimo[26]. Kubaha amakuru no kubahugura ni intambwe ikomeye mu kubafasha mu kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu no kwigira.

Mu Rwanda, amahirwe yo kubona akazi ku bantu bafite ubumuga ashingiye cyane ku mategeko y'Igihugu. Itegeko No. 01/2007 rigenga uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga hamwe na Politiki y'Igihugu ku bijyanye n'ubumuga n'ubudaheranwa mu buzima, rigaragaza ko abantu bafite ubumuga bafite uburenganzira bungana n'ubw'abandi bose mu kubona akazi.

Nanone, politiki y'Igihugu yerekeye imirimo mu Rwanda mu mwaka wa 2019, ishyira abantu bafite ubumuga mu matsinda afatwa nk'ay'ingenzi ahabwa umwihariko mu kubona akazi keza kandi karambye. Inzego za Leta zirimo Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga (NCPD), ku bufatanye n'imiryango nka NUDOR ndetse n'imiryango iyobowe n'amadini n'indi miryango itari iya Leta, zitanga ubuvugizi, amahugurwa y'ubumenyingiro ndetse n'ubufasha mu gushakira akazi abafite ubumuga.

[23] Powel, 'Meeting the Needs of People with Disabilities within the Church'.
[24] D. P. Bryant et al., *Teaching Students with Special Needs in Inclusive Classrooms* (Pearson Education, Inc., 2008).
[25] R. M. Ogbue, *Special Education: A Reading Text* (Heinemann Education Books (Nig) Ltd., 1987).
[26] Adima, *Career Opportunities for the Disabled in Nigeria*.

Nyamara n'ubwo ibi bikorwa, haracyari inzitizi zijyanye no kubura amahugurwa yihariye akwiye kubafasha gukora imirimo runaka mu buryo bwuzuye. Ibi bikaba bikomeje kuba imbogamizi zikemanga ubushobozi bw'abafite ubumuga ku isoko ry'umurimo. N'ubwo ibyo bibazo bikomeje kugaragara, politiki y'u Rwanda hamwe n'abafatanyabikorwa bayo igaragaza kandi igashimangira kudaheza abafite ubumuga mu iterambere ry'Igihugu ndetse no kubageza ku kwigira bikomeje kwiyongera.[27]

## 7. Ikiganiro

Imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare rukomeye mu guteza imbere uburezi no kwiyubaka kw'abafite ubumuga. Iyi nyandiko yakomeje kugaragaza ko hakenewe gukomeza kongera ibikorwa bigamije iterambere ridaheza. Ibikorwa by'iyi miryango bishingira ku muntu aho gushingira ku bintu, iyi miryango ishobora gukuraho imyumvire mibi, igateza imbere agaciro k'umuntu kandi igatanga ubufasha bwuzuye bujyanye n'iby'umwuka n'iby'umubiri.

Binyuze mu burezi budaheza, imyuga, ubuvugizi n'indangagaciro zishingiye ku gusigasira agaciro ka buri wese. Imiryango ishingiye ku myemerere irema icyizere mu bafite ubumuga, igatuma bumva batekanye bakigirira icyizere cy'ubuzima bufite intego. Urugero rwa Blessing School for the Visually Impaired mu Rwanda rugaragaza uburyo izi gahunda zunganira politiki y'Igihugu ishingiye ku burezi budaheza.

N'ubwo bimeze bityo, ubufatanye hagati y'imiryango ishingiye ku myemerere n'inzego za Leta ndetse n'imiryango itari iya Leta ni ingenzi mu guteza imbere uburezi budaheza, kongera amahirwe angana ku isoko ry'umurimo no gushimangira ko buri wese ufite ubumuga ahabwa agaciro, ashyigikirwa kandi agafashwa kugira uruhare rugaragara mu mibereho y'Igihugu.

**Umwanzuro**

Mu rwego rwo gushimangira impinduka mu mibereho y'abafite ubumuga, hakenewe ubufatanye bufatika hagati y'inzego zitandukanye. Ni ngombwa ko amadini n'amatorero, Leta ndetse n'abafatanyabikorwa mu iterambere bakomeza kwimakaza imikoranire ishingiye ku ntego. Amadini n'amatorero bigomba gufatwa nk'abafatanyabikorwa nyamukuru mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki za Leta zijyanye no guteza imbere no gushyigikira abafite ubumuga. Ibi birushaho gushinga imizi igihe Leta ishyigikira ibikorwa byabo binyuze mu gutanga inkunga n'ubundi bufasha bwiyongera ku bushobozi bwabo. Bityo ishyirwa mu bikorwa rya buri gahunda rikihuta kandi rigakwira abaturage benshi mu buryo bwihuse.

Iyi nyandiko yemeza ko amadini n'amatorero afite uruhare rwihariye kandi rufatika mu guteza imbere uburezi n'iterambere ry'abafite ubumuga mu Rwanda. Ikomeza gushimangira ko abafite ubumuga ari abantu bafite agaciro n'ubumuntu nk'abandi bose, bityo bakwiye kwitabwaho no kubahwa aho gufatwa nk'ibintu. Imiryango ishingiye ku myemerere igira uruhare rukomeye mu kuzamura imibereho y'abafite ubumuga, mu kubarinda imbogamizi z'ivangura, ndetse no mu guharanira ko badakomeza guhezwa muri sosiyete.

[27] Government of Rwanda, 'Constitution of the Republic of Rwanda', Parliament of Rwanda, Government of Rwanda, 2015.

Uburyo iyi miryamgo ikoresha bushingiye ku myumvire y'ubuzima bwuzuye, buhuriza hamwe ubuzima bw'umwuka, imibanire myiza n'inyigisho zifatika zirimo uburezi budaheza n'amahugurwa y'imyuga. Ibi bitanga umwuka wo kwakira buri wese no kumuha agaciro, bikanaha abantu bafite ubumuga imbaraga zo kwigira, kwiyubakira ubushobozi no kumenya agaciro n'ubumuntu bwabo. Bityo, bagira uruhare rufatika mu iterambere rusange ry'Igihugu no mu guteza imbere imibereho myiza y'umuryango Nyarwanda.

# ITORERO MU ISI Y'IKORANABUHANGA N'UBWENGE BUHANGANO

Joel Kubwimana na Onesim Nshimyumukiza impuguke mu by'iterambere n'imicungire y'imishinga

**Inshamake**
Iyi aritikire isesengura Itorero mu isi y'ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano, hagamijwe kureba uko Itorero riri kwitwara mu gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa biteza imbere, abayoboke baryo n'Abanyarwanda muri rusange. Mu isi y'ubwenge buhangano, Itorero rihagaze he? Riri kwitwara rite? Ese ikoranabuhanga riri gukoreshwa mu buhe buryo? Ibi bibazo ni byo iyi nyandiko igerageza gusubiza igatanga n'inama zafasha amatorero muri iki kinyejana cy'ikoranabuhanga.

**Amagambo nshingiro:** Itorero, Ikoranabuhanga, Ubwenge buhangano, Iterambere ryuzuye.

**1. Iriburiro**
Mu kinyejana cya 21, isi yagiye ihindagurika ku muvuduko udasanzwe kubera iterambere ridasanzwe ry'ikoranabuhanga n'ubumenyi buhanitse. Isi yose, yaba iy'umurimo, iy'uburezi, n'iy'imyidagaduro, yegereye abantu hifashishijwe murandasi, imbuga nkoranyambaga, telefoni ngendanwa, ndetse n'amasoko ya digitale.
Ubwenge buhangano burahinduka ku buryo bufatika kandi bwihuse mu bukungu, ubuvuzi, uburezi, itumanaho, imibanire y'abantu, mbese inzego zose zigize ubuzima bwa muntu nta na rumwe rusigara rudakozweho n'ikoranabuhanga, n'ubwenge buhangano. Muri iyi si igendera ku muvuduko uhambaye ushingiye ahanini ku bwenge buhangano, Itorero ritagize aho rihurira na bwo, ryakwisanga ritanafite aho rihurira n'abantu. Itorero rifite inshingano ikomeye yo guhuza ukwizera n'iterambere ry'isi, riharanira iterambere ariko rinabungabunga amahame yaryo ya Gikristo.

Abakristo benshi basanga gukoresha ikoranabuhanga bitabujije gukomera mu kwemera, ahubwo bishobora gufasha Itorero kugera ku bantu benshi no gutanga inyigisho mu buryo bugezweho.
Icyakora, hari impungenge ko ikoranabuhanga rishobora kwangiza inyigisho z'Itorero cyangwa rigahindura imitekerereze y'Abakristo mu buryo butandukanye n'ibyo Bibiliya yigisha. Ikindi kitarenzwa ingohe ni uko uko abantu barushaho kwiyegurira gukurikirana iterambere rishamikiye ku ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano, gukurikira inyigisho no gusenga hifashishijwe murandasi, guterana kwera gushobora gukendera. Gutahura no gusigasira abitandukanya n'Itorero mu buryo bumwe cyangwa ubundi nabyo ntibyorohe.

Iyi nyandiko igamije gusuzuma uburyo Itorero rishobora gukoresha ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano mu bikorwa byaryo, ritarenga ku mahame ya Bibiliya. Hagamijwe kugaragaza inzira nyazo Itorero ryanyuramo mu gukomeza gutanga Ubutumwa Bwiza, guteza imbere Abakristo, rigendana n'igihe kandi rigira uruhare mu iterambere ry'isi muri rusange.

**2. Gusakaza inyigisho hifashishijwe ikoranabuhanga**
Ikoranabuhanga ni ryiza kuko Itorero rishobora kurikoresha mu gusakaza inyigisho ku buryo bwagutse. Radiyo na television bifite uruhare rutaziguye mu gusakaza inyigisho, imbuga nkoranyambaga nka Facebook, YouTube, Instagram, TikTok, X n'izindi nazo zifasha Itorero kugera ku bantu benshi bidasabye ko bagera aho Itorero runaka rikorera. Hari kandi Podcasts n'izindi porogaramu za telefoni zishobora gutanga inyigisho zicukumbuye ku bakristo bifuza kumenya byinshi kuri Bibiliya n'ubuzima bwabo bwa buri munsi bidasabye ko bakusanyirizwa ku rusengero rumwe ngo bigishwe.

Ingero zifatika zirimo nka porogaramu ya Bible App ifasha Abakristo gusoma Bibiliya, gukurikirana inyigisho, no gukora amasengesho aho bari hose. Amakoraniro ya Zoom cyangwa YouTube Live afasha

Abakristo gukomeza kwifatanya n'Itorero n'ubwo bataba bari mu rusengero aho abandi bateraniye. Gusa, gukoresha ikoranabuhanga bifite ibibazo bishobora guterwa n'imbogamizi z'umutekano w'amakuru, kwiyitirira abandi, no kuba umwizera ashobora guhura n'inyigisho zigoretse n'izitemewe yararuza hirya no hino. Ni ngombwa ko Itorero rigena amabwiriza y'ikoreshwa ry'izi mbuga mu buryo bubungabunga inyigisho za Gikristo, kandi rikagira uburyo bufatika bwo gukurikirana inyigisho n'amakuru abizera bavoma ku mbuga nkoranyambaga.

**3. Kurinda no kubungabunga ubumuntu**
Muri iyi si aho ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano bikataje, agaciro ka muntu karagenda karushaho gutakara. Ni uruhare rw'Itorero guharanira no kurushaho kumvikanisha ko umuntu aza imbere y'ibindi byose. Ni byiza ko ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano birushaho kudufasha gutera imbere byihuse, ariko muri byose hagomba kuzirikanwa ihame ryo gushyigikira ko ibyo byose biza mu gufasha umuntu bitari ukumusimbura. Muri byose impuhwe, ubutabera n'amahoro bigomba kuganza.

**4. Kwigisha ubumenyi buhuje n'imyizerere**
Mu gihe isi ikomeje gutera imbere mu ikoranabuhanga, Abakristo ntibasigara inyuma. Bagomba kwigishwa ku buryo imyizerere yabo itaryamirwa. Ibi bikubiyemo kubafasha kurushaho gusobanukirwa ibirebana n'ikoranabuhanga, ubumenyi bw'isi (sciences) muri rusange, ubukungu, ubushabitsi, ubugeni, n'ibindi bigezweho ku buryo bwubahiriza indangagaciro za Bibiliya. Igitabo cya Bibiliya kivuga ko "*Ubwenge buruta zahabu n'amabuye y'agaciro*" (Imigani 16:16). Ibi bisobanuye ko Abakristo bagomba guharanira ubwenge n'ubumenyi, ariko bakabihuza n'imyizerere yabo. Urugero: Amatorero amwe n'amwe muri Afurika y'Epfo n'ahandi yashyizeho amahugurwa ku bakristo mu bumenyi bw'isi n'ubumenyi bw'ikoranabuhanga, ndetse no mu guhanga imishinga iciriritse y'ubucuruzi (entrepreneurship), bikaba bifasha Abakristo gutera imbere mu buryo bufatika no gufasha abandi.

**5. Ubushakashatsi n'inyigisho zijyanye n'ibihe**
Ku isi muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko, iterambere ririhuta ku buryo rimwe na rimwe abantu batabura kwibaza uruhare rw'Itorero muri ryo. Uruhare rw'Itorero ni rugari cyane. Bimwe mu byo umuntu yavuga ni uko Itorero riri mu mwanya mwiza wo gukora ubushakashatsi ku bibazo biri mu muryango nyarwanda n'isi yose, rikareba uburyo inyigisho za Gikristo zishobora kugera ku bisubizo by'iki gihe. Ibi birimo gutanga inyigisho ku bijyanye n'ikoranabuhanga, imyumvire, imibereho y'abantu, n'imyitwarire mu muryango mugari.

Mu isi ya none, ikoranabuhanga rifite ingaruka ku mibereho y'abantu. Ibi bigaragarira mu gukoresha imbuga nkoranyambaga, gusakaza amakuru yaba ay'ukuri cyangwa atariyo, n'ubwiyongere bw'ubukene mu bice bimwe na bimwe. Bityo, Itorero rikwiye gutanga inyigisho zirebana n'ubwenge buhamye, indangagaciro (ethics) mu ikoranabuhanga, ndetse n'ubuyobozi bwiza bukurikiza amahame ya Bibiliya. Ibyakorwa bigizwe ahanini no gutegurira abaturage ibiganiro ku bijyanye n'ingaruka z'imbuga nkoranyambaga, AI (Ubwenge buhangano), cyangwa ubushakashatsi ku ikoranabuhanga n'isakaza bumenyi, ariko bigahuzwa n'indangagaciro za gikristo.

**6. Kubyaza umusaruro ikoranabuhanga mu gufashanya no guhanga udushya**
Ikoranabuhanga rituma Itorero rishobora guteza imbere imishinga yo gufasha abatishoboye, abakene, cyangwa imishinga y'iterambere ry'abaturage. Abakristo bashobora gukoresha amahirwe atangwa na murandasi (internet) mu gutegura ubufasha, guhuza abanyamuryango, no guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi bifasha imiryango.

Amatorero amwe muri Afurika yashyizeho imishinga yo gucuruza ibikoresho by'ikoranabuhanga bikozwe n'Abakristo, bikungura Abakristo, kandi bikubaka umuryango. Itorero rishobora kandi guhanga udushya mu buryo bwo gukemura ibibazo by'abaturage, urugero nko gukoresha porogaramu mu gucunga ibiribwa, gufasha abana mu myigire yabo, cyangwa gutegura ubukangurambaga bwo kubungabunga ibidukikije.

**7. Kwirinda ibishobora kunyuranya Bibiliya**

N'ubwo ikoranabuhanga rifite inyungu nyinshi, hari ibyago byo kwangiza inyigisho z'Itorero. Urugero ni nko kwinjira mu mbuga z'uruhererekane rw'amakuru atariyo, guhora ku mbuga z'imyidagaduro idahuye n'indangagaciro za Gikristo, cyangwa gukoresha imbuga zishobora guhungabanya ukwizera. Itorero rigomba gushyiraho amabwiriza y'uko abanyamuryango bakoresha ikoranabuhanga, rigaharanira ko ubutumwa bwa gikristo buhora bufite umutekano kandi buboneye. Ibi bikubiyemo gukoresha uburyo bwo gushungura amakuru (content filtering), kwigisha Abakristo gukoresha internet mu buryo bwiza, no gucunga amasomo ya digitale.

**8. Umwanzuro**

Muri iki gihe Itorero rifite inshingano yo guhuza ukwizera n'iterambere ry'isi. Rigomba gukoresha ikoranabuhanga mu gusakaza inyigisho, kwigisha Abakristo ubumenyi buhuje n'imyizerere, gukora ubushakashatsi ku bibazo bijyanye n'igihe, no guteza imbere imishinga ifasha abatishoboye. Muri iyi si aho byose biri kugengwa n'ikoranabuhanga, ubwenge buhangano bukifashishwa nk'inkingi mwikorezi, hamwe no gushyigikira ndetse no kujya muri uwo mujyo w'iterambere, Itorero rigomba no guharanira ko agaciro ka muntu kubahirizwa, ko ubuzima bw'umwuka butamirwa n'iterambere, no guha umurongo mwiza ishusho y'umukirisitu mu iterambere.

Ikoranabuhanga rikwiye kuba igikoresho cy'iterambere, ariko Itorero rigomba gukomera ku mahame ya Bibiliya. Ibi bizatuma Abakristo bashobora kugira uruhare mu iterambere ry'isi mu buryo bufatika, bafite ubwenge, bakoresheje amahirwe y'ikoranabuhanga ariko bagakomeza kuba abizerwa.

**URUBYIRUKO NA AI: Uko Urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rwabyaza umusaruro imbuga nkoranyambaga n'ubwenge buhangano (AI)**

Benimana Philipe (Umuvugabutumwa muri HBFR akaba n'umuyobozi w'urubyiruko)


**Inshamake**

Inyandiko yibanda ku ikoreshwa ry' imbuga ikoranyambaga na AI (ubwenge buhangano) nk'amahirwe y'ubukungu igihe urubyiruko rwa Gikristo rwaba rukoresha neza imbuga nkoranyambaga na AI. Inyandiko kandi isesengura ibibazo n'imbogamizi mu gukoresha imbuga nkoranyambaga n' ingamba zo kuzikoresha neza. Inyandiko igaragaza kandi ingero z'ibikorwa bifatika mu iterambere hifashishijwe imbuga nkoranyambaga na AI, mbere yo gutanga umwanzuro.


**Amagambo shingiro**: Urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda, Imbuga nkoranyambaga, AI (Ubwenge buhangano), Iterambere ry'urubyiruko.

## I. Iriburiro

U Rwanda rukomeje kwigaragaza nk'Igihugu gishyize imbere ikoranabuhanga mu guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga. Rufite intego yo kuzamura imibereho y'abaturage binyuze mu ikoreshwa rya ICT mu nzego zose z'ubuzima bwa buri munsi.[1] Iterambere ry'imiyoboro ya 4G/5G, ikoreshwa ry'ubwenge buhangano, no guteza imbere uburezi bigaragaza ko Igihugu gishyira imbere ubumenyi n'ubuhanga mu rubyiruko.[2] Ikoranabuhanga rizanira sosiyete amahirwe yo kwihangira imirimo, itumanaho no guhanga udushya.

Imbuga nkoranyambaga nka WhatsApp, Facebook, Instagram, YouTube, X na TikTok zahindutse ibikoresho by'ingenzi urubyiruko rukoresha mu itumanaho, kwiga, guhanga udushya, kwamamaza no kwitabira ibikorwa by'ubukungu.[3] Imbuga nkoranyambaga ziteza imbere uruhare rw'abaturage mu muryango, kungurana ibitekerezo, no kubaka ubumuntu n'icyizere. Muri iki gihe, ubwenge buhangano bufasha mu gufata ibyemezo, gushaka ibisubizo, no guteza imbere ubushobozi bw'abantu ku giti cyabo.[4] Ku rubyiruko rw'Abakristo, AI ifungura amahirwe mashya yo kwihangira imirimo, kwagura ubumenyi, no guteza imbere imibereho myiza.

Ariko kandi, n'ubwo aya mahirwe ari menshi, Abakristo bakiri bato baracyafite ibibazo byinshi, birimo amakuru atariyo, imyitwarire idahwitse, kutamenya gusoma no kwandika neza indimi mpuzamahanga nk'Icyongereza usanga ubwenge buhangano bukoresha, n'ubukene mu bumenyi bw'ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego iyi nyandiko igamije kugaragaza uburyo urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rushobora gukoresha neza imbuga nkoranyambaga na AI mu guteza imbere

[1] Repubulika y'u Rwanda, Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo. *Politiki yo Guhindura Imibereho Binyuze mu Ikoranabuhanga*. Kigali: Guverinoma y'u Rwanda, 2021.

[2] Castells, Manuel. *Networks of Outrage and Hope: Social Movements in the Internet Age*. Cambridge: Polity Press, 2012.

[3] Kaplan, Andreas M., na Michael Haenlein. *Social Media: Back to the Roots and Back to the Future*. New York: Business Horizons, 2010.

[4] Russell, Stuart, na Peter Norvig. *Artificial Intelligence: A Modern Approach*. 4th edition. Hoboken, NJ: Pearson, 2021.

imibereho yarwo no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu muri rusange.

## 2. Imiterere y'Ikibazo

N'ubwo u Rwanda rukomeje gutera intambwe mu ikoreshwa ry'ubumenyi mu isakazamakuru (ICT), urubyiruko rwinshi rwa Gikristo ntiruramenya uburyo imbuga nkoranyambaga na AI bishobora gukoreshwa mu buryo bufite umusaruro ugereranyije n'imyidagaduro isanzwe cyangwa itumanaho ridafite intego.[5] Sisitemu ya dijitale ishobora guha imbaraga ariko ikanayobya bitewe n'uko ikoreshwa. Urubyiruko rw'Abakristo rukunze guhura n'ingaruka z'amakuru atariyo, imyitwarire mibi, n'ibirimo bidakwiriye bishobora kubasenya aho kububaka.

Ku rundi ruhande, ubwenge buhangano bukomeje kugenda bukoreshwa mu isi yose mu burezi, akazi n'ubucuruzi, ariko urubyiruko rwinshi rw'Abakristo ruracyafite ubumenyi buke ku buryo bwagutse bwo kubikoresha. Ubumenyi budahagije, kubura uburyo bwo kugera ku bikoresho, ndetse n'ubushobozi bw'amafaranga bigira uruhare mu kudindiza uburyo urubyiruko rwinshi rushobora kwinjira no kubyaza umusaruro aya mahirwe. Ni muri urwo rwego iyi article ari ngombwa, kuko igamije gusuzuma no gutanga ingamba zifatika ku buryo urubyiruko rw'Abakristo rushobora gukoresha imbuga nkoranyambaga na AI mu kuzamura imibereho yabo no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu muri rusange.

## 4. Ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga na AI

Urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rukoresha imbuga nkoranyambaga mu buryo butandukanye, rufite intego zitandukanye zirimo gusabana, kwigisha abandi, gusangira ubutumwa bwiza, no kwerekana impano zabo. Amatsinda ya WhatsApp akunze kuba urubuga rwo gusangira ubutumwa bw'umwuka, amasengesho n'ubuhamya. Facebook, Instagram na TikTok bifasha urubyiruko gushyira hanze ibikorwa by'ubuhanzi, umuziki wo kuramya no guhimbaza Imana, n'ibindi bikorwa bifite aho bihurira n'ivugabutumwa. Nk'uko Kaplan na Haenlein babivuga, imbuga nkoranyambaga zifasha abantu gushinga umuryango wabo ku murongo, kungurana ibitekerezo no kubaka indangagaciro mu buryo bugaragara.[6]

Ku rundi ruhande, ubwenge buhangano burimo gufasha urubyiruko mu myigire, ubushakashatsi, no guteza imbere imishinga y'ubucuruzi. Russell na Norvig, basobanura ko AI itanga uburyo bwo gufata ibyemezo byihuse, gusesengura amakuru menshi, no gukora ibikorwa bisaba ubumenyi bwimbitse mu buryo bwihuse.[7] Urubyiruko rw'Abakristo rukoresha AI mu kwandika inyandiko, gukora amashusho (videwo), gutegura amasomo afite umurongo unoze, ndetse no gushaka amakuru y'ubushakashatsi atuma barushaho kuba indashyikirwa mu masomo no mu bikorwa by'ubukungu.

[5] Madianou, Mirca, na Daniel Miller. *Migration and New Media: Transnational Families and Polymedia*. London: Routledge, 2013.

[6] Kaplan, Andreas M., na Michael Haenlein. *Social Media: Back to the Roots and Back to the Future*. New York: Business Horizons, 2010.

[7] Russell, Stuart, na Peter Norvig. *Artificial Intelligence: A Modern Approach*. 4th edition. Hoboken, NJ: Pearson, 2021.

Byongeye kandi, imbuga nkoranyambaga na AI bitanga uburyo bwo guhanga udushya mu buryo bworoshye kandi ku kiguzi gito. Urubyiruko rw'Abakristo rufite amahirwe yo kwinjira mu bikorwa by'ubucuruzi bwa digitale, gutegura gahunda z'imyigire, no kwerekana impano zabo ku isi yose. Madianou na Miller bavuga ko urubuga rwa digitale rufasha urubyiruko kwerekana indagaciro zikwiye, gukora ibihangano, no kwihangira imirimo, bityo bikarushaho guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi bwabo.[8]

### 4.1 Amahirwe y'ubukungu

Imbuga nkoranyambaga na AI bitanga amahirwe akomeye ku rubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda mu guteza imbere ubushobozi bwabo bwo kwihangira imirimo no kwagura ibikorwa by'ubucuruzi n'ubukungu muri rusange. Urubyiruko rufite ubushobozi bwo kwamamaza ibicuruzwa byarwo, kwerekana impano zarwo, no kubaka ibirango ku mbuga nka Instagram, Facebook Marketplace na TikTok. Nk'uko Kaplan na Haenlein babivuga, imbuga nkoranyambaga zigabanya inzitizi z'ubucuruzi gakondo kandi bigafasha urubyiruko kugera ku isoko ryagutse ku kiguzi gito. Ibi bituma urubyiruko rw'Abakristo rushobora kwihangira akazi, gutangiza ibikorwa by'ubuhanzi cyangwa ubucuruzi.

Ubwenge buhangano bwongera aya mahirwe mu buryo butandukanye. Ibikoresho bya AI nka chatbots, Canva AI, n'ubundi bufasha mu gukora ibikoresho byamamaza, gufasha gusesengura amasoko, gucukumbura no gucunga inyandiko z'ubucuruzi, bituma urubyiruko rukora neza kandi ku kiguzi gito. Russell na Norvig bavuga ko AI ituma kwihangira imirimo n'udushya mu bucuruzi bigenda byoroha, ikanongera umusaruro no kugabanya amakosa y'akazi.[9] Ku rubyiruko rw'Abakristo, ibi bivuze ko bashobora gutangiza ibikorwa bishya bifite ireme kandi bikomeye, bifasha mu iterambere ry'umwuga n'ubukungu.

Byongeye kandi, imbuga nkoranyambaga na AI bifasha urubyiruko kumenyekanisha no gusangira ubumenyi, bityo bigatuma habaho kwaguka kw'imibereho n'ubushobozi bwo guhanga udushya. Schuurman ashimangira ko ikoranabuhanga rishobora guteza imbere imibereho myiza y'abaturage igihe riyobowe n'indangagaciro nziza.[10] Urubyiruko rw'Abakristo rufite uburyo bwo gukoresha aya mahirwe mu guhanga ibikorwa bifite akamaro, gutanga serivisi ku giciro gito ariko kuri benshi, no kuzamura ubushobozi bwabo mu buryo burambye.

### 4.2 Ibibazo n'Imbogamizi

N'ubwo imbuga nkoranyambaga na AI bitanga amahirwe menshi, urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rufite ibibazo n'imbogamizi zigaragara mu mikorere yabo. Icyuho mu bumenyi bwa digitale n'ubushobozi bwo gukoresha neza AI kiracyari ikibazo gikomeye. Banki y'Isi ivuga ko kutamenya gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga bishobora gutuma urubyiruko rudashobora kwinjiza

[8] Madianou, Mirca, na Daniel Miller. *Migration and New Media: Transnational Families and Polymedia*. London: Routledge, 2013.

[9] Russell, Stuart, na Peter Norvig. *Artificial Intelligence: A Modern Approach*. 4th edition. Hoboken, NJ: Pearson, 2021.

[10] Schuurman, Derek C. *Shaping a Digital World: Faith, Culture, and Computer Technology*. Downers Grove, IL: InterVarsity Press, 2013.

no kubyaza umusaruro amahirwe y'ubukungu n'iterambere mu buryo bwagutse. Bamwe bakoresha imbuga nkoranyambaga gusa mu myidagaduro, batazi uburyo ikoreshwa rya AI ryabafasha mu kwiga, kwihangira imirimo, no gutangiza ibikorwa bibyara inyungu. Usanga akenshi umubare munini w'uwurubyiruko batunze ibikoresho by'ikoranabunga bihenze kandi bagaburira umunsi ku munsi ariko bitabinjiriza n'ifaranga na rimwe, nyamara byakagombye kubinjiriza no kuzamura imibereho yabo.

Ikindi kibazo gikomeye ni amakuru atariyo cyangwa ibirimo bishobora kubangamira imyitwarire n'imyizerere y'urubyiruko. Madianou na Miller batanga urugero rw'uko imbuga nkoranyambaga zishobora gukwirakwiza amakuru y'ibinyoma, bikagira ingaruka ku myumvire n'imyitwarire y'abazikoresha.[11] Ku rubyiruko rw'Abakristo, ruhura n'ibitekerezo bihabanye n'ukwizera cyangwa amakuru atariyo bishobora guca intege ishingiro ry'umwuka no gutuma bafata ibyemezo bidahuye n'indangagaciro zabo.

Imyitwarire n'imigenzereze mibi ku mbuga nkoranyambaga ni indi mbogamizi. Gukoresha cyane imbuga nkoranyambaga cyangwa kwishingikiriza ku bikoresho bya digitale bishobora gutera kugabanyuka k'ubushobozi mu by'ubwenge, gutekereza, guhuza imikoranire y'imbona nkubone, ndetse no gukemura ibibazo mu buryo bwihuse. Schuurman ashimangira ko gukoresha ikoranabuhanga bidafite gahunda n'indangagaciro bigira ingaruka ku buzima bw'umwuka n'imibereho myiza y'Abakristo.[12]

Byongeye kandi, ikibazo cy'ibikoresho n'itumanaho ni imbogamizi ikomeye. Igiciro kinini cy'ibikoresho bya digitale, urubuga ruke rwa interineti mu cyaro, n'amafaranga make y'urubyiruko bigabanya uburyo bwo kugera ku bikoresho bya AI. Ibi bituma habaho icyuho hagati y'ababikeneye cyane n'ababibona, bigabanya uburyo bwo kugera ku mahirwe y'iterambere.

**4.3 Ingamba**

Kugira ngo urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda rushobore kungukira ku mbuga nkoranyambaga na AI mu buryo bwiza kandi burambye, hakenwe ingamba zifatika kandi zihamye. Schuurman ashimangira ko ikoranabuhanga rishobora kuba igikoresho cyo guteza imbere imibereho myiza n'ubutumwa bw'Itorero igihe riyobowe n'indangagaciro z'umwuka.[13] Amatorero, amashuri, ndetse n'ababyeyi bagomba gutanga umurongo no gushyiraho amahugurwa agamije guteza imbere ubumenyi bwa digitale, imyitwarire myiza ku mbuga nkoranyambaga, ndetse no gukoresha AI mu buryo bufite intego. Ibi byagabanya imyitwarire mibi, amakuru atariyo, no gukoresha ibikoresho bya digitale mu buryo budafite akamaro.

[11] Madianou, Mirca, na Daniel Miller. *Migration and New Media: Transnational Families and Polymedia*. London: Routledge, 2013.

[12] Schuurman, Derek C. *Shaping a Digital World: Faith, Culture, and Computer Technology*. Downers Grove, IL: InterVarsity Press, 2013.

[13] Schuurman, Derek C. *Shaping a Digital World: Faith, Culture, and Computer Technology*. Downers Grove, IL: InterVarsity Press, 2013.

Ingamba zigaragara ni ugushimangira gusoma no kwandika bifasha urubyiruko kumenya amahirwe yo kwiga no kwihangira imirimo hifashishijwe AI. Gahunda z'uburezi zishingiye ku ikoranabuhanga, amahugurwa yihariye, ndetse n'ubufatanye n'ibigo bya ICT byafasha urubyiruko kwiga guhanga udushya, gucunga ibikorwa byabo bya digitale, no kuzamura ubushobozi bwabo. Kaplan na Haenlein batangaza ko kwigisha no gukurikirana uburyo bwo gukoresha imbuga nkoranyambaga byongera uruhare rw'urubyiruko mu muryango kandi bigafasha mu kubaka ubumenyi n'ubushobozi bwo guhanga udushya.[14]

Gukoresha AI mu buryo bufite intego bishobora gufasha urubyiruko kwihangira imirimo, gukora ubushakashatsi, no guteza imbere ubumenyi bw'imyuga. AI nka Canva AI, ChatGPT, Google Gemini, Grok nizindi zifasha urubyiruko gukora neza, gutegura imishinga y'ubucuruzi cyangwa uburezi, ndetse no gufata ibyemezo bishingiye ku makuru. AI itanga amahirwe yo kwihangira imirimo, gutanga serivisi, no kongera umusaruro ku rubyiruko rwifashishije ubumenyi bwabo.

Ubundi bufatanye hagati y'amatorero, Leta, kaminuza, ndetse n'imiryango itegamiye kuri Leta (NGOs) bufasha gutanga amahugurwa, n'urubuga rwa interineti ku rubyiruko rutishoboye. Ubufatanye nk'ubu bugabanya icyuho mu ikoranabuhanga, butuma urubyiruko rwinshi rushobora kungukira ku mahirwe y'ubukungu n'iterambere rihari. Izi ngamba zifatika zihuza imyitwarire, ubumenyi bwa digitale, n'indangagaciro z'ukwizera mu gukoresha imbuga nkoranyambaga na AI mu buryo bwiza.

### 4.4. Ingero z'ibikorwa bifatika mu iterambere

Kugira ngo ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga n'ubwenge bukorano (AI) rigire umumaro ugaragara ku rubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda, ni ngombwa gutanga ingero zifatika z'ibikorwa bishobora gutangizwa n'abantu ku giti cyabo, amatsinda y'urubyiruko, amatorero, cyangwa imiryango iciriritse. Izi ngero zifasha umusomyi w'iyi article kudasigara ku bitekerezo gusa, ahubwo agatangira kubyaza umusaruro amahirwe ariho. Nk'uko Russell na Norvig babivuga, ikoranabuhanga rigira agaciro igihe rikoreshwa mu gukemura ibibazo bifatika by'abantu.

#### a) Kwifashisha AI mu kwiga no guteza imbere ubumenyi

Urubyiruko rushobora gukoresha ibikoresho bya AI nka ChatGPT, Google Gemini, cyangwa Copilot mu kwiga amasomo, gukora ubushakashatsi bworoheje, gutegura inyandiko, no gusobanukirwa ingingo zigoye. Umunyeshuri cyangwa urubyiruko udafite ubushobozi bwo kubona amasomo ahenze ashobora kwifashisha AI nk'umwigisha umufasha (digital tutor). Kaplan na Haenlein bagaragaza ko ikoranabuhanga rifasha mu kongera ubumenyi n'ubwitange mu kwiga igihe rikoreshwa neza. Ibi bishobora gufasha urubyiruko kwiyungura ubumenyi mu

[14] Kaplan, Andreas M., na Michael Haenlein. *Social Media: Back to the Roots and Back to the Future*. New York: Business Horizons, 2010.

by'ubucuruzi, indimi, ikoranabuhanga, n'amasomo ya Tewolojiya.[15]

### b) Gukoresha imbuga nkoranyambaga mu kwihangira imirimo

Imbuga nkoranyambaga nka Facebook, Instagram, na TikTok zishobora gukoreshwa mu kwamamaza no kugurisha ibicuruzwa bitandukanye nk'imyambaro, ibikomoka ku buhinzi, na serivisi zitandukanye. Urubyiruko rushobora gufata amafoto, gukora video zoroshye, no gukoresha AI (nka Canva AI) mu gukora posite zamamaza. Banki y'Isi ivuga ko kwihangira imirimo ikorerwa ku imbuga nkoranyamba ari imwe mu nzira zifasha urubyiruko kwinjira mu bukungu hatabayeho igishoro kinini. Ibi bituma n'urubyiruko rufite ubushobozi buke rubona amahirwe yo kwiteza imbere.

### c) Gukoresha Dijitali mu murimo w'Itorero n'Ivugabutumwa

Amatorero ashobora gukoresha imbuga nkoranyambaga na AI mu kwamamaza no gusakaza ibikorwa by'ivugabutumwa, amasengesho, inyigisho n'amahugurwa y'urubyiruko. Urubyiruko rw'Abakristo rushobora gufata amashusho y'inyigisho, gukora podcasts, cyangwa gutegura inyandiko z'inyigisho hifashishijwe AI. Schuurman ashimangira ko ikoranabuhanga rishobora kuba igikoresho cyiza cy'ivugabutumwa igihe riyobowe n'indangagaciro z'ukwizera. Ibi bituma urubyiruko rutagarukira mu rusengero gusa, ahubwo rukagera ku bantu benshi binyuze ku mbuga nkoranyambaga.[16]

### d) Amafaranga n'imirimo bishingiye kuri Dijitali

Urubyiruko rushobora kwinjira mu mirimo ya online nka Youtube, Instagram, facebbok, n'izindi mbuga nkoranyambaga zihemba amafaranga bitewe n'ibyo umuntu yakoze n'ingano yabarebye cyangwa basomye ubutumwa bwatanzwe. AI ishobora kubafasha kunoza imikorere yabo, kwihutisha akazi, no kuzamura umusaruro. Castells yerekana ko ubukungu bushingiye ku miyoboro ya murandasi (networked economy) bufungura amahirwe mashya y'akazi ku rubyiruko rufite ubumenyi bwa dijitali. Ibi bifasha urubyiruko kwinjiza amafaranga mu buryo bwemewe kandi buhuje n'indangagaciro zarwo.

### e) Gukora amatsinda yo kwiga no guhugurana

Urubyiruko rushobora gushinga amatsinda yo kwigira hamwe (online cyangwa offline), aho bigira hamwe gukoresha AI, imbuga nkoranyambaga, no guhanga imishinga mito. WhatsApp na Telegram byorohereza itumanaho no gusangira ubumenyi. Madianou na Miller bagaragaza ko imbuga nkoranyambaga zifasha mu kubaka imiryango ishingiye ku kungurana ibitekerezo n'ubufasha. Ubu buryo bufasha urubyiruko kwigira

[15] Kaplan, Andreas M., na Michael Haenlein. *Social Media: Back to the Roots and Back to the Future*. New York: Business Horizons, 2010.

[16] Schuurman, Derek C. *Shaping a Digital World: Faith, Culture, and Computer Technology*. Downers Grove, IL: InterVarsity Press, 2013.

hamwe, gukosorana, no gutera imbere mu buryo bufite ihuriro.

## 5. Umwanzuro

Imbuga nkoranyambaga na AI bitanga amahirwe adasanzwe ku rubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda mu rwego rwo guteza imbere imibereho, ubukungu, n'uruhare rwabo mu iterambere ry'Itorero. Muri iyi nyandiko, twagaragaje ko urubyiruko rw'Abakristo rufite uburyo bwo kwiga, gusabana, no kwihangira imirimo hifashishijwe ikoranabuhanga rya dijitali, harimo imbuga nkoranyambaga nka WhatsApp, Facebook, TikTok, Instagram, hamwe na AI nka ChatGPT na Canva AI. Imbuga nkoranyambaga zifasha mu kubaka ubumwe, gukurikirana ibikorwa by'Itorero, no guteza imbere imibanire y'abantu. Mu buryo bumwe, bemeza ko AI ifasha urubyiruko kunoza imyigire, guhanga udushya, no kwihangira imirimo, bikaba ari ingenzi mu iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.

N'ubwo amahirwe ari menshi, urubyiruko rugaragaza ibibazo birimo icyuho mu bumenyi bwa digitale, amakuru atariyo, imyitwarire mibi, ndetse no kugera gake ku bikoresho bya AI. Ibi byose bishobora kugabanya ubushobozi bwo gukoresha neza ikoranabuhanga no gutera imbere mu mwuga no mu mibereho. Gukoresha ikoranabuhanga bidafite indangagaciro z'umwuka bishobora gutuma habaho ingaruka mbi ku myitwarire n'iterambere ry'abakoresha imbuga nkoranyambaga na AI. Ni muri urwo rwego ingamba zifatika, zishingiye ku gusoma no kwandika, amahugurwa, gukurikiza imyitwarire myiza, no kwinjiza AI mu bikorwa bifatika, ari ngombwa kugira ngo urubyiruko rw'Abakristo rushobore kunguka ku mahirwe no kugabanya ibibazo.

By'umwihariko, ubufatanye hagati y'amatorero, amashuri, leta, kaminuza, n'imiryango itegamiye kuri leta ni ingenzi mu guha urubyiruko urubuga, ibikoresho, amahugurwa, n'ubushobozi bukwiye mu gukoresha ikoranabuhanga rya dijitali. Ubu bufatanye butuma urubyiruko rutishoboye rutagira ubushobozi bwinshi mu ikoranabuhanga na bwo rubona amahirwe angana n'ay'abandi, bityo bigafasha mu kurwanya icyuho cy'ubukungu n'imibereho. Mu gusoza, gukoresha neza imbuga nkoranyambaga na AI, biherekejwe n'indangagaciro z'ukwizera, bishobora gufasha urubyiruko rw'Abakristo mu Rwanda kuba abashoramari b'iterambere, abigisha, n'abayobozi b'ejo hazaza, mu gihe bagumye gushinga imizi mu kwizera n'uruhare rwabo mu muryango.

# UBUFATANYE BW'AMATORERO N'IMIRYANGO YA GIKRISTO MU ITERAMBERE RIRAMBYE MU RWANDA: Gufatanya aho kuba gufashwa gusa

**Kamarora Ernestine:** Impuguke mu miyoborere, imishinga n'ubufatanye hagati y'amatorero n'imiryango mpuzamahanga

**Inshamaka**

Ubufatanye ni ingenzi mu iterambere, kuko umuntu umwe cyangwa umuryango umwe utabasha gukora byose neza. Iyi nyandiko isesengura ubufatanye hagati y'amatorero n'imiryango itandukanye yo mu Gihugu cyangwa hanze, hagamijwe kureba uburyo amatorero akorana n'abafatanyabikorwa batandukanye. Ese amatorero ashyira imbere gushaka abayafasha? Cyangwa gushaka abo bafatanya? Kuko iyo ufashwa uba imbata y'ugufasha ku buryo agukoresha ibyo ashatse byose, ariko ubufatanye bushyira imbere inyungu z'impande zombi. Iyi nyandiko igaragaza ko amatorero akeneye guharanira gushaka ubufatanye kuruta gushaka gufashwa.

## 1. Iriburiro

Mu bihugu byinshi byo munsi y'ubutayu bwa Sahara, amatorero n'imiryango ya Gikristo (Faith-Based Organizations – FBOs) bifite uruhare rugaragara mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage. Mu Rwanda, ibikorwa by'ayo matorero hamwe n'imiryango ya Gikristo nka Tearfund, Compassion International, World Relief, World Vision, CBM, VEM, n'iyindi, byagize uruhare mu bikorwa by'ubuzima, uburezi, kurwanya ubukene, kubaka amahoro n'ubwiyunge, no guhindura imyumvire y'abaturage ku iterambere.

N'ubwo ibikorwa nk'ibi bigaragaza umusaruro, haracyari ikibazo gikomeye. Ese amatorero arafashwa gusa, cyangwa habaho ubufatanye (partnership) bwuzuye? Ese iterambere rishobora kuramba igihe inkunga ihagaritswe? Ibi bibazo ni byo by'ingenzi bituma hakenewe ubushakashatsi bugaragaza uburyo ubufatanye burambye bushobora gusimbura imyumvire yo gufashwa gusa.

Iyi nyandiko ishingiye ku isesengura ry'inyandiko (literature review) igamije gusuzuma uburyo imiryango ya Gikristo yakoranye n'amatorero yo mu Rwanda, uruhare rw'ayo matorero mu iterambere rirambye, ndetse n'ingamba zafasha kwimakaza ubufatanye bwuzuye.

## 2. Amahitamo n'inyito mu nyandiko z'ubushakashatsi ku muryango wa Gikristo

Ubushakashatsi ku miryango ya Gikristo bwerekana ko FBOs zifite umwihariko udasanzwe mu iterambere ry'imibereho myiza.[1] Inyandiko yatanzwe n'Ishami ry'Ubumenyi bw'Iterambere rya EU (DEVCO) igaragaza ko imiryango ya Gikristo ifite ibyiza bikurikira:

**Icyizere gishingiye ku myemerere mu baturage:** abaturage bakunda gukorana n'amatorero kubera imyemerere yabo n'indangagaciro bisangiye.

[1] Sophia Sanniti et al., The Role of Faith-Based Organizations in Tackling Food Loss and Waste in Rwanda: A Preliminary Study (Washington, DC: World Resources Institute, 2024).

**Kwinjira mu bice bikennye cyane:** amatorero afite ubushobozi bwo kugera ku baturage agera kure mu cyaro aho ibigo bya Leta cyangwa nimiryango itegamiye kuri Leta (NGO) idakunda kugera.

**Ubushobozi bwo gukangurira abaturage gukorera hamwe:** ubufatanye bushingiye ku matorero, bwubaka imbaraga z'abaturage mu buryo bw'imiryango n' amatsinda.
**Ubwitange bushingiye ku nyigisho z'iyobokamana:** abayoboke n'abanyamuryango bashishikarizwa kwitangira iterambere no guharanira imibereho myiza y'abandi.

Kubera ububasha bwo guhindura imyumvire n' imitekerereze, amatorero n' imiryango ya Gikristo afite, bituma iyi miryango igira agaciro gahambaye mu iterambere, kurusha zimwe mu nzego za leta n'izindi NGOs zidakora ku myemerere. Mu Rwanda, imiryango ya Gikristo ifite uruhare rukomeye mu kurwanya igihombo cy'ibiribwa, guteza imbere uburezi, ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage.

## 3. Uruhare rw'imiryango Mpuzamahanga ya Gikristo mu iterambere ry'u Rwanda

### 3.1 Tearfund

Tearfund ikorana n'amatorero yo mu Rwanda. Icyerekezo cyayo ni ukubona amatorero yo mu Rwanda ahinduka igicumbi cy'impinduka zigamije kwita ku bibazo by'abaturage batishoboye kurusha abandi mu mibereho myiza, mu bukungu no mu buryo bw'umwuka. Umwihariko w'uyu muryango ni uburyo impinduka mu Itorero no muri kominote (Church and Community Transformation (CCT), ari gahunda aho Itorero ubwaryo rifata iya mbere mu gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa by'iterambere bibereye umuryango mugari riherereyemo.[2]

**Ibikorwa bya Tearfund byibanda ku:**

* Guteza imbere ubuhinzi burambye,
* Kurwanya imihindagurikire y'ikirere,
* Guteza imbere uburinganire n'uburenganzira bw'abangavu,
* Kubaka ubukungu bushingiye ku matsinda yo kwizigamira.

[2] Tearfund. "Our Work in Rwanda." Accessed 2025.

**3.2 World Relief Rwanda**

World Relief ikorana n'amatorero biciye mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya (Savings for Life). Aha amatorero aba ku isonga mu gukangurira abaturage kubaka ubushobozi muby'imari.[3] Ubu buryo bwagize uruhare rukomeye mu kongera umutekano mu bukungu bw'imiryango, guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage.

**3.3Compassion International Rwanda**

Compassion International ikorana n'amatorero mu kurengera abana b'abakene no kubafasha mu buryo bwose: umubiri, ubwenge, umwuka n'imibereho myiza.[4] Mu bufatanye bwayo n'amatorero, itanga amahugurwa ku micungire y'imishinga, uburezi, n'ubuyobozi, bikaba bituma Itorero riba umufatanyabikorwa wuzuye mu iterambere.

**3.4 World Vision Rwanda**

World Vision imaze imyaka 30 mu Rwanda, ikora ibikorwa bitandukanye birimo kurwanya imirire mibi, guteza imbere uburezi, gukwirakwiza amazi meza, guteza imbere ubukungu bw'imiryango n'uburenganzira bw'umwana.[5] Uburyo bwabo bwo gukorana n'amatorero bugamije kubaka ubufatanye burambye, aho Itorero riba umuyobozi w'umushinga aho kuba umushyitsi.

**3.5 United Evangelical Mission (VEM) n' Itorero rya Perisibiteriyene mu Rwanda**

United Evangelical Mission (VEM) ikorana cyane cyane n' Itorero Perisibiteriyene (EPR) mu Rwanda mu bikorwa by'iterambere birimo uburezi, ubuzima, no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Ubufatanye bwabo bushingiye ku guhanga udushya mu mishinga y'iterambere, kwimakaza amahugurwa y'abashumba n'abayobozi, no gushyira imbere imishinga y'Itorero ubwaryo.

**Ibikorwa bya VEM birimo:**

- Guteza imbere uburezi bufite ireme, cyane cyane mu byiciro by'abana n'urubyiruko rushobora kubona ubuzima bwarwo bujya mu kaga.
- Gufasha amatorero mu kubaka ubushobozi bw'imiyoborere no mu micungire y'imari y'Itorero.
- Guteza imbere ibikorwa byo kubaka imibereho myiza y'abaturage biciye mu matsinda yo kuzigama no gufashanya.
- Kurwanya ubukene no guteza imbere uburenganzira bw'abangavu n'abana by'umwihariko mu cyaro.

Ubufatanye bwa VEM n'Itorero Presibiteriyene mu Rwanda butuma Itorero riba umufatanyabikorwa w'ingenzi mu iterambere ry'abaturage aho guhora rifashwa gusa.[6]

**4. Ibyiza by'ubufatanye hagati y'amatorero n'imiryango ya Gikristo**

Ubushakashatsi bwerekana bimwe mu bintu by'ingenzi bituma amatorero aba abafatanyabikorwa beza mu iterambere:

**4.1 Icyizere**

Amatorero afitiwe icyizere bitewe nuko abaturage bubaha Imana babwirwa n' amatorero, umubano w' igihe kirekire bafitanye nayo, kandi kubera umubare munini w'abayoboke, ubona amatorero nk' ahantu hizewe bagirira umutekano ndetse hari ibintu bitandukanye bibagirira umumaro.

**4.2 Amatsinda n'inzego bisanzwe bihari**

Amatorero azi neza ibibazo by'abo ayobora kubera amatsinda n' inzego bitandukanye

[3] World Relief, Savings for Life: Empowering the Poor in Rwanda, 2013.

[4] Compassion International Rwanda, "About Compassion International Rwanda," accessed 2025.

[5] World Vision Rwanda, 30 Years of Impact in Rwanda (1994–2024) (World Vision Rwanda, 2024).

[6] United Evangelical Mission. "Partnership with Presbyterian Church of Rwanda." Accessed 2025.

asanzwe afite bitandukanye n'izindi nzego zo hanze y' Itorero. Ibi bituma ibikorwa by'iterambere bishingiye ku byifuzo n'ibikenewe nyakuri by'abaturage, ubukangurambaga no guhana amakuru biba byihuse kandi bihendutse.

**4.3 Indangagaciro zishingiye ku myemerere**

Indangagaciro nk'urukundo, kutarobanura ku butoni, kwihangana n'ubwitange biranga amatorero bituma ibikorwa by'iterambere bishobora gukomeza no mu gihe inkunga ihagaritswe, kuko abaturage babifata nk'umurimo wo kwita ku muvandimwe.

**4.4 Intego rusange yo guteza imbere ikiremwamuntu**

Intego z'iterambere ry'abaturage (ubuzima, uburezi, ubutabera, no kongera ubushobozi) akenshi zihura n'inshingano z'Itorero zo gukora ibintu bitandukanye bifasha ikiremwamuntu gutera imbere.

**4.5 Kubaho igihe kirekire**

Kubera ko amatorero atari imishinga y'igihe gito, kubaho kwayo mu buryo buhoraho muri za kominote bishyigikira ubwitabire bw'igihe kirekire, gukurikirana, no gukomeza kwa gahunda zashyikirizwa abaturage.

**5. Bimwe mu bibazo n'imbogamizi bigaragara mu bufatanye.**

N'ubwo hari ibyiza byinshi, inyandiko zigaragaza ibibazo bikomeye biri mu bufatanye mu mishinga hagati y'amatorero n'imiryango ya Gikristo: Aho abaterankunga bagiye, imishinga igenda itakara. Ibi ni ikibazo kigaragara mu bushakashatsi bwa Tearfund na World Vision.

**5.2 Ubushobozi buke bw'amatorero mu micungire y' imishinga n' imari.**

Amatorero menshi ntafite igenamigambi ryuzuye, uburyo buboneye bwo gukurikirana imishinga, cyangwa abakozi b'inzobere mu iterambere. Ibi bituma Itorero ritabasha gufata inshingano yuzuye yo gucunga imishinga igihe imiryango y' iterambere bakoranaga ihagaritse ibikorwa byayo.

**5.3 Kutanyuranya hagati y'umurimo w'ivugabutumwa n'ibikorwa by'iterambere**

Hajya habaho imbogamizi yo kumenya gukora ibikorwa by'iterambere n'ibikorwa by'ivugabutumwa ku buryo butari bugonganishe ivugabutumwa n'iterambere. Amatorero amwe atinya kwibanda ku iterambere kuko bituma agaragara nk'umuryango utegamiye kuri Leta. Andi matorero atinya ko kwibanda ku ivugabutumwa bituma atagira icyo ahindura mu bibazo by'imibereho myiza y'abaturage, kandi roho nzima igomba kuba mu mubiri muzima.

**5.4 Umuco wo gutegereza inkunga.**

Bamwe mu b'Itorero bamenyereye guhabwa inkunga aho kwiga uburyo bwo kwigira no kwiyobora. Ibi bigira ingaruka ku iterambere rirambye ry'abantu ku giti cyabo, ingo ndetse n' umudugudu muri rusange.

**6. Uburyo bushya bwo gutekereza gufatanya aho kuba gufashwa.**

Ubushakashatsi bugaragaza uburyo bwo guhindura imikorere mu bufatanye. Amatorero agomba kubanza guhindura imyumvire ku gikenewe agatangira gutekereza ko hakenewe abafatanyabikorwa atari abaterankunga. Ibindi byafasha mu guhindura imikorere mu bufatanye hagati y' amatorero n' imiryango ya Gikristo ni:

- Kuzamura ubushobozi bw'amatorero mu micungire y'imari n'umutungo.

- Guteza imbere imiyoborere myiza mu matorero.
- Kurenga ku mishinga y’igihe gito no gushyira imbere imishinga y’ iterambere n’ibyara inyungu mu matorero.
- Ubuyobozi bw’Itorero bugira uruhare mu gufata ibyemezo kugira ngo Itorero ritaba umunyamuryango ukeneye inkunga gusa, ahubwo umunyamuryango ugira uruhare. Abashumba n’abayobozi b’ amatorero bagomba kugira uruhare mu guha abaturage icyerekezo cy’iterambere rirambye aho kugikorerwa n’ abafatanyabikorwa.

Gushyira imbere imibanire y'abantu ku giti cyabo n'imikoranire nyayo nabo bantu ndetse n'imiryango ikorera mu baturage aho kugira ngo hashyirwe imbere ibyo bakora gusa.

**Insanganyamatsiko igaragara ni: “Ubufatanye ni bwo bukenewe, si ugufashwa gukenewe.”**

**7. Umusozo**

Amatorero yo mu Rwanda afite amateka akomeye mu kugira uruhare mu mibereho myiza y’abaturage. Ubufatanye n’ imiryango ishingiye ku myemerere (FBOs) mpuzamahanga bwazanye impinduka zikomeye mu mibereho myiza y’ abaturage. Ariko iterambere ridashingiye ku bufatanye burambye no kubaka ubushobozi bw’Itorero ntiriramba. Amatorero akwiriye kwimakaza ubwigenge, ubushobozi bw’imbere muriyo n’uburenganzira mu mishinga y’iterambere. Imiryango idaharanira inyungu (NGOs) na yo ikwiye gukorera mu bufatanye bushingiye ku bwuzuzanye, aho Itorero rifite uburenganzira, ubushobozi, n’icyubahiro. Ubuyobozi bw’Itorero bwagombye kuba imbarutso y’iterambere aho kuba abanyantege nke bategereje inkunga gusa.

**Purusikila (Priscilla) na Dorukasi (Dorcas) mu Itorero: Isesengura rya Tewolojiya ku Ruhare rw'Umugore mu Iterambere ryuzuye ry'Itorero n'Umuryango mugari Nyarwanda**

MUTAMURIZA Grace: (Ushinzwe iyobokamana (chaplain) mu kigo cya Harvest Academy Mahoko)

**Inshamake**
Iyi nyandiko isesengura rya tewolojiya n'imibereho ku ruhare rw'umugore mu iterambere ryuzuye ry'Itorero n'umuryango mugari nyarwanda, ishingiye ku rugero rwa Purusikila (Priscilla) na Dorukasi (Dorcas/Tabitha) bavugwa mu byanditswe byera. Igaragaza ko aba bagore bombi bari inkingi z'ingenzi mu Itorero rya mbere, aho Purusikila ahagarariye uruhare rw'umugore mu by'umwuka, mu kwigisha no mu mibanire y'urugo nk'Itorero, mu gihe Dorukasi ahagarariye umurava, impuhwe n'iterambere rishingiye ku gukoresha neza ubumenyi n'ibikoresho bike mu gufasha abandi.

Iyi nyandiko ishyirwa mu rwego rw'Itorero ryo mu Rwanda, aho abagore bagira uruhare runini mu mibereho y'amatorero ariko bagahura n'imbogamizi mu bijyanye n'iterambere ryabo, cyane cyane mu buyobozi no mu kwigisha. Iyi nyigisho ishimangira ko iterambere ryuzuye rishingiye ku guhuza iby'umwuka n'iby'imibereho, umugore akaba umufatanyabikorwa wuzuye mu murimo w'Imana.

**Amagambo Shingiro**: Purusikila na Dorukasi mu Itorero, uruhare rw'umugore mu Itorero, iterambere ryuzuye, umuryango mugari nyarwanda.

## 1. Intangiriro

Mu Rwanda, Itorero rifite amateka akomeye mu mibereho y'Igihugu, haba mu ivugabutumwa, uburezi, ubuzima, amahoro n'ubwiyunge. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, amatorero yabaye ahantu ho kongera kubaka ubumwe n'indangagaciro, kandi abagore bagize uruhare rukomeye muri uwo murimo. N'ubwo abagore ari benshi mu matorero, uruhare rwabo mu buyobozi, mu kwigisha no mu gufata ibyemezo ruracyari ruto, akenshi bagahagararirwa mu mirimo yo gufasha gusa.

Ibyanditswe byera bigaragaza ko umugore atigeze afatwa nk'uri ku ruhande rw'umurimo w'Imana. Ahubwo, Bibiliya itanga ingero z'abagore bagize uruhare rufatika mu kwigisha, kuyobora no kubaka Itorero n'umuryango. Muri abo, Purusikila na Dorukasi batanga ishusho yuzuye y'Itorero rihuza inyigisho z'umwuka n'ibikorwa by'impuhwe, ari na byo shingiro ry'iterambere ryuzuye

## 2. Purusikila (Priscilla) mu Byanditswe Byera n'uko Tewolojiya ibisobanura

Purusikila avugwa inshuro nyinshi mu Isezerano Rishya, cyane cyane mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa no mu nzandiko za Pawulo. Ibyanditswe bitubwira ko Pawulo yahuriye na Purusikila n'umugabo we Akwila i Korinto, bakorana umurimo wo kuboha amahema (Ibyakozwe n'Intumwa 18:2–3). Ibi byerekana ko urugo rwabo rwari urwego rwo guhurizamo umurimo w'amaboko n'umurimo w'Imana, ibintu bifite igisobanuro gikomeye mu muryango nyarwanda aho urugo ari ryo ishingiro ry'imibereho.

Mu Byakozwe n'Intumwa 18:26, handitswe ko Purusikila afatanyije na Akwila basobanuriye Apolo inzira y'Imana "*mu buryo bwuzuye*." Apolo yari umuntu w'intyoza mu magambo kandi azi Ibyanditswe, nyamara yemeye kwigishwa n'umugore. Mu rwego rwa tewolojiya, ibi bigaragaza ko ubumenyi n'ubushobozi bwo kwigisha bidashingiye ku gitsina, ahubwo ku mpano n'umuhamagaro w'Imana. Pawulo ubwe ashimangira ubu bufatanye igihe yita Purusikila "*Umufatanyabikorwa wanjye muri Kristo Yesu*" (Abaroma 16:3), akongeraho ko Itorero ryateraniraga mu rugo rwabo (Abaroma 16:5).

Ku Itorero ryo mu Rwanda, uru rugero rufite igisobanuro gikomeye. Abagore benshi bigisha Bibiliya mu matsinda yo mu ngo, mu makoraniro y'abagore n'ay'ababyeyi, ariko ntibahabwe agaciro kangana mu nzego zifata ibyemezo. Purusikila atumira Itorero gutekereza ku rugo nk'ahantu ho kwigishirizwa no gukurira mu ijambo ry'Imana.

### 3. Dorukasi (Dorcas/Tabita) mu Byanditswe Byera n'uruhare rwa Diakonia

Dorukasi, uzwi kandi nka Tabitha, avugwa mu Byakozwe n'Intumwa 9:36–42. Bibiliya imusobanura nk'"umwigishwa" w'umugore wari "wuzuye ibyiza n'imfashanyo yakoraga." Iri jambo "umwigishwa" rifite uburemere bukomeye kuko rikoreshwa no ku bigishwa b'abagabo, rikerekana ko Dorukasi yari umunyamuryango wuzuye w'Itorero, atari umuntu wari ku ruhande.

Igihe Dorukasi yapfaga, abapfakazi berekanye imyenda yari yarabadodeye (Ibyakozwe n'Intumwa 9:39), bagaragaza uburyo umurimo we wari warahindutse ubuzima ku bandi. Dorukasi ntiyari umwigisha mu magambo menshi, ariko umurimo we wabaye inyigisho ifatika y'ukwizera gukorera mu rukundo. Ibi bihura n'inyigisho ya Bibiliya igira iti: "*Ukwizera kudafite imirimo kuba gupfuye*" (Yakobo 2:17). Mu Rwanda, muri iki gihe hariho kuvuga uburinganire usanga abagore bamwe bashyize imbere guhambwa imyanya ituma bavuga urugero kuba abapasitori. Ariko aha tubona ko Dorukasi yavuze ubutumwa akoresheje kudodera abapfakazi imyenda. Dorukasi abera Itorero urugero rw'uko iterambere ritangirira ku mutima ushaka gufasha, si ukugira ibintu byinshi.

### 4. Isesengura rya Tewolojiya ku iterambere ryuzuye

Iterambere ryuzuye, mu mucyo wa Tewolojiya ya Gikristo, rishingiye ku kurema umuntu mu ishusho y'Imana (Imago Dei), aho iby'umwuka, iby'imibanire n'iby'imibereho bifatwa nk'ibifitanye isano. Purusikila ahagarariye uruhare rw'umugore mu by'umwuka no mu mibanire y'Itorero, Dorukasi ahagarariye uruhare rw'umugore mu mibereho n'iterambere rishingiye ku murimo. Ibi byombi biruzuzanya kandi bitanga ishusho y'Itorero ryubaka umuntu wese mu buryo bwuzuye.

Ku Itorero ryo mu Rwanda, kwigira kuri aba bagore bombi ni ingenzi cyane. Itorero rihura n'ibibazo by'ubukene, ihungabana, amakimbirane mu miryango n'ubusumbane. Inyigisho zidafatanyije n'ibikorwa by'impuhwe ntizigira ingaruka zirambye, nk'uko n'ibikorwa by'iterambere bidafite umusingi w'indangagaciro za Gikristo bishobora kubura icyerekezo. Urugero rwa Purusikila na Dorukasi rutanga icyerekezo cy'uko iterambere ry'umugore mu Itorero rigomba guhuriza hamwe inyigisho n'ibikorwa byo kwiteza imbere no gufasha.

### 5. Uruhare rw'abagore mu Itorero n'umuryango Nyarwanda

Mu Rwanda, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, Leta yashyize imbaraga zidasanzwe mu guteza imbere umugore, harimo gushyiraho politiki z'uburinganire n'ubwuzuzanye, zirimo ko nibura 30% by'imyanya y'ubuyobozi n'akazi ka Leta bigomba kugenerwa abagore.

Iyi politiki yabaye umusemburo w'impinduka zifatika, aho abagore bagiye bagaragara mu nzego zitandukanye z'Igihugu zirimo iza politiki, uburezi, ubuvuzi, ubucuruzi, igisirikare n'izindi nzego zafatwaga nk'izaremewe igitsina gabo. N'ubwo zimwe muri izi nzego abagore bakiri bake, intambwe imaze guterwa igaragaza ubushobozi bwabo n'uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.

Nyamara, iyo turebye ku ruhande rw'amatorero, hagaragara icyuho gikomeye hagati y'iterambere ry'umugore mu nzego za Leta n'uruhare rwe mu Itorero. N'ubwo abagore ari bo benshi mu matorero, uruhare rwabo mu buyobozi, mu kwigisha no gufata ibyemezo ruracyari ruto. Akenshi bagaragara mu makorari, mu mirimo ya diakonia no mu matsinda yihariye y'abagore, ariko ntibahabwe amahirwe ahagije yo gutozwa no kwigishwa mu nyigisho za tewolojiya n'ubuyobozi. Ibi bituma umurimo wabo, n'ubwo ari ingenzi, ugira imbaraga nke mu guhindura imibereho y'abantu no mu iterambere ry'Itorero.

Iyo ibi byegeranyijwe n'urugero rwa Purusikila na Dorukasi, bagaragaza isomo rikomeye ku Itorero ryo mu Rwanda. Purusikila yari umugore watojwe kandi wizerwaga mu nyigisho z'Imana, wagize uruhare rugaragara mu kwigisha no kuyobora Itorero ryo mu rugo, mu gihe Dorukasi yakoresheje ubumenyi bwe bworoheje n'ibikoresho bike mu gufasha abatishoboye no kubaka umuryango mugari. Ibi byombi byerekana ko Itorero ryo mu Rwanda rikwiye gushora imbaraga mu gutanga amahugurwa yimbitse ya Tewolojiya ku bagore, rikabaha amahirwe yo gukura mu bumenyi no mu buyobozi, kandi rikemera ko impano z'Imana zitangwa ku bagabo n'abagore bose kugira ngo umubiri wa Kristo wubakwe.

Mu muryango nyarwanda, umugore akomeje kuba inkingi y'urugo n'itorero cyane cyane mu gutanga uburere no mu mirimo ikoreshwa amaboko. Iyo uru ruhare ruhujwe n'inyigisho za Gikristo n'amahirwe yo kwigishwa no kwizerwa mu Itorero, umugore ashobora kuba umusemburo w'impinduka mu Itorero no mu muryango mugari. Ibi bisaba ko Itorero rifata icyemezo cyo kugabanya icyuho kiri hagati y'iterambere ry'umugore mu nzego za Leta n'uruhare rwe mu Itorero, rikemera urugero rwa Bibiliya rutangwa na Purusikila na Dorukasi nk'ishingiro rya Tewolojiya n'imyitwarire y'Itorero.

**6. Umwanzuro**

Purusikila na Dorukasi batanga ishusho yuzuye y'uruhare rw'umugore mu Itorero: Umwe ahagarariye umwuka, inyigisho n'imibanire; undi ahagarariye umurimo, impuhwe n'iterambere rishingiye ku bikorwa bifatika. Ku Itorero n'umuryango nyarwanda, aba bagore ni icyitegererezo cy'iterambere ryuzuye rishingiye ku mahame ya Gikristo, aho umugore afatwa nk'umufatanyabikorwa wuzuye mu murimo w'Imana no mu kubaka sosiyete.

ISUZUMA RY'IGITABO

**Umutwe w'igitabo:** *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu*
**Abanditsi:** Evode Mukama & Laurent Nkusi (Abayoboye abanditsi)
**Umwaka:** 2019
**Inzu yasohoye igitabo:** African Minds
**Uwasuzumye Igitabo**: Kubwimana Joel

## Intangiriro

Iki gitabo ni igikoresho cy'ingenzi mu guteza imbere ubushakashatsi bukorwa mu Kinyarwanda. Kigamije gufasha abanyeshuri, abarimu n'abashakashatsi gusobanukirwa imiterere, amahame n'inzira z'ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu. Cyerekana ko Ikinyarwanda gishoboye kwakira no gutanga ubumenyi bwimbitse nk'uko bikorwa mu ndimi mpuzamahanga.

## 2. Intego n'umwihariko w'igitabo

Intego y'iki gitabo ni ugutanga umurongo usobanutse wo gukora ubushakashatsi bufite ireme, guhera ku mizi y'ubushakashatsi, amahame n'inyigisho, kugeza ku ikusanyamakuru, isesenguramakuru n'itangazwa ry'ibisubizo. Umwihariko wacyo ugaragara mu kuba cyanditswe mu Kinyarwanda, kigacura amagambo mashya y'ubushakashatsi, kandi kigahuza tewori n'imikorere ngiro.

## 3. Iby'ingenzi bikubiye mu gitabo

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bibiri by'ingenzi. Igice cya mbere gisobanura imizi y'ubushakashatsi, inkingi zabwo, amahame ngengamyitwarire n'isano y'ururimi n'ubushakashatsi. Igice cya kabiri cyibanda ku buryo nyakuri bwo gukora ubushakashatsi: isesengura ry'ibyanditswe mbere, gutoranya itsinda nkeshwamakuru, ikusanyamakuru, isesenguramakuru, gukoresha ibarurishamibare no kwandika imyanzuro.

## 4. Umusanzu w'igitabo

Iki gitabo gifite umusanzu ukomeye mu guteza imbere Ikinyarwanda nk'ururimi rw'ubushakashatsi, mu kunoza ireme ry'ubushakashatsi, no mu gufasha ubushakashatsi kuba igikoresho cy'iterambere ry'Igihugu.

## 5. Umwanzuro

*Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu* ni igitabo cy'ingirakamaro ku banyeshuri, abarimu n'abashakashatsi. Ni intambwe ikomeye mu kwimakaza ubumenyi bushingiye ku ndimi kavukire by'umwihariko Ikinyarwanda. Usanga akenshi abantu bavuga ngo Ikinyarwanda ni ururimi rukennye, ko nta magambo yakoreshwa mu bushakashatsi kigira. Ariko iki gitabo kigaragaza neza ko Ikinyarwanda ari ururimi rukungahaye ku magambo kandi rushobora gukoreshwa mu bushakashatsi. Nk'ubwanditsi bukuru bwa JITI turashishikariza Abanyarwanda cyane cyane abanyeshuri biga muri za kaminuza, abarimu n'abashakashatsi gusoma no gukoresha iki gitabo cyane amagambo y'ubushakashatsi cyibitsemo.

*Urutonde rw'amagambo akoreshwa mu bushakashatsi*

| English / French | Ikinyarwanda |
|---|---|
| Research | Ubushakashatsi |
| Scientific research | Ubushakashatsi bwa siyansi |
| Humanities | Ubumenyi nyamuntu |
| Social sciences | Ubumenyi bw'imibanire y'abantu |
| Natural sciences | Ubumenyi kamere |
| Applied sciences | Ubumenyi ngiro |
| Hypothesis | Inkeneragihamya |
| Research problem | Ikibazo cy'ubushakashatsi |
| Research question | Ibibazo byo gukoraho ubushakashatsi |
| Research objectives | Intego z'ubushakashatsi |
| General objective | Intego rusange |
| Specific objectives | Intego zihariye |
| Methodology | Iyoboramikorere / Inozanzira mu bushakashatsi |
| Methods | Uburyo |
| Research design | Imiterere y'ubushakashatsi |
| Quantitative research | Ubushakashatsi nyamubaro |
| Qualitative research | Ubushakashatsi nyamimerere |
| Mixed methods | Uburyo rukomatanyo |
| Data | Amakuru |
| Raw data | Amakuru mbisi |
| Secondary data | Amakuru ya kabiri |
| Primary data | Amakuru y'ibanze |
| Data collection | Ikusanyamakuru |
| Data analysis | Isesenguramakuru |
| Data interpretation | Isobanuramakuru |
| Sampling | Gutoranya itsinda nkeshwamakuru |
| Sampling technique | Uburyo bwo gutoranya |
| Population | Itsinda rusange |
| Sample | Itsinda nkeshwamakuru |
| Sample size | Ingano y'itsinda nkeshwamakuru |
| Reliability | Ubwizerwe |
| Validity | Ububonere |
| Internal validity | Ububonere bw'imbere |
| External validity | Ububonere bwo hanze |
| Ethics | Ngengamyitwarire |
| Research ethics | Amahame ngengamyitwarire y'ubushakashatsi |
| Consent | Kwemera ku bushake |
| Informed consent | Kwemera wahawe ibisobanuro |
| Confidentiality | Kubika ibanga |
| Anonymity | Kutamenyekanisha umwirondoro |

| **English / French** | **Ikinyarwanda** |
|---|---|
| Objectivity | Kwanga amarangamutima |
| Subjectivity | Gushyira amarangamutima |
| Bias | Kubogama |
| Interpretation | Isobanura |
| Positivism | Ubunyakuri mpame |
| Interpretativism | Ibandasobanura |
| Constructivism | Ukwiyubakira ibisobanuro |
| Ontology | Iyigabaho |
| Epistemology | Iyigabumenyi |
| Paradigm | Inyigisho-ngenderwaho |
| Theory | Ihame / Inyigisho |
| Conceptual framework | Urwego rw'ibitekerezo |
| Theoretical framework | Urwego rw'inyigisho |
| Applied research | Ubushakashatsi ngiro |
| Fundamental research | Ubushakashatsi nzimbuzi |
| Action research | Ubushakashatsi bushingiye ku gikorwa |
| Evaluation research | Ubushakashatsi bw'isesengura |
| Statistics | Ibarurishamibare |
| Descriptive statistics | Ibarurishamibare risobanura |
| Inferential statistics | Ibarurishamibare ry'igereranya |
| Variables | Imfatashusho |
| Independent variable | Imfatashusho yigenga |
| Dependent variable | Imfatashusho ngengwa |
| Control variable | Imfatashusho igenzura |
| Questionnaire | Urupapuro rw'ibibazo |
| Interview | Ikiganiro mbazamakuru |
| Focus group | Itsinda ry'ibiganiro |
| Observation | Kwitegereza |
| Case study | Isesengura ry'ikibazo kimwe |
| Field work | Umurimo w'ubushakashatsi |
| Findings | Ibyabonetse |
| Results | Ibisubizo |
| Discussion | Ikiganiro ku bisubizo |
| Conclusion | Umwanzuro |
| Recommendations | Inama |
| Limitations | Imbogamizi |
| Delimitations | Imbibi/Nyirantarengwa |
| References | Indangasoko |
| Bibliography | Urutonde rw'ibitabo/Indangasoko |

| | |
|---|---|
| Citation | Kwerekana aho igitekerezo cyavuye |
| Plagiarism | Kwiba ibitekerezo |
| Technology | Ikoranabuhanga |
| Software | Porogaramu |
| Digital research | Ubushakashatsi bwifashisha ikoranabuhanga |